

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda	Official Gazette of the Republic of Rwanda	Journal Officiel de la République du Rwanda
---------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------

Ibirimo/Summary/Sommaire

A. Amateka ya ba Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels

N° 026/11 ryo ku wa 17/03/2003

Iteka rya Minisitiri ryemera umuvugizi w'umuryango «Carmel Rwanda-Kigali» n'abasimbura be.....

N° 021/15.00/2004 du 04/03/2004

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Koperative COOTHEGIM (Coopérative des Théiculteurs de Gisovu-Muko).....

Amategeko ayigenga.....

N° 024/15.00/2004/Coop du 13/07/2004

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Koperative DUKUNDEKAWA

Amategeko ayigenga.....

N° 027/15.00/2004/Coop du 13/07/2004

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Koperative INGASHYA.....

Amategeko ayigenga.....

N° 028/15.00/2004/Coop du 13/07/2004

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Koperative COIMU (Coopérative Ibukwa Muhinzi).....

Amategeko ayigenga.....

N° 031/15.00/2004/Coop du 13/07/2004

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Koperative INGOBOKA.....

Amategeko ayigenga.....

N° 034/15.00/2004/Coop ryo kuwa 28/07/2004

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Koperative CPRB (Coopérative de Production Rizicole de Bugarama).....

Amategeko ayigenga.....

N° 004/15.00/2005/Coop du 23/02/2005

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi Koperative y'Abahinzi-Borozi b'i Buhunga (KOPABU).....

Amategeko ayigenga.....

N° 026/11 du 17/03/2003

Arrêté Ministériel portant agrément de la Représentante Légale et des Représentantes Légales Suppléantes de l'association « Carmel Rwanda-Kigali».....

N° 81/11 du 06/09/2005

Arrêté Ministériel portant approbation des modifications apportées aux statuts de l'association « Religieuses de Saint Joseph au Rwanda».....

Statuts.....

N° 107/11 du 28/09/2005

Arrêté Ministériel portant approbation des modifications apportées aux statuts de l'association « Sœurs Oblates du Saint Esprit ».....

Statuts.....

N° 108/11 du 28/09/2005

Arrêté Ministériel portant agrément de la Représentante Légale et des Représentantes Légales Suppléantes de l'association «Sœurs Oblates du Saint Esprit».....

N° 115/11 du 28/09/2005

Arrêté Ministériel portant approbation des modifications apportées aux statuts de l'association «Carmel Rwanda-Kigali».....

Statuts.....

B. Sociétés Commerciales

FIGECO SARL : Statuts.....

FRUITS ET LEGUMES PROMO SARL: Statuts

ITEKA RYA MINISITIRI N° 026/11 RYO KUWA 17/03/2003 RYEMERA UMUVUGIZI W'UMURYANGO "CARMEL RWANDA" N'ABASIMBURA BE

Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego,

Ashingiye ku Itegeko Shingiro rya Repubulika y'u Rwanda, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane ingingo ya 16,6° y'Amasezerano yerekeranye n'Igabana ry'Ubutegetsi, yashyiriweho umukono Arusha, kuwa 30 Ukwakira 1992 ;

Ashingiye ku itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 20;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n°097/17 ryo kuwa 22 Ukwakira 1999 ryemera Umuvuguzi w'umuryango "Carmel Rwanda" n'Abasimbura be, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;

Abisabwe n'Umuvuguzi w'Umuryango «Carmel Rwanda» mu rwandiko rwakiriwe kuwa 10 Nzeri 2002 ;

Amaze kubona icyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 20 Werurwe 2002;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere:

Uwemerewe kuba Umuvuguzi w'Umuryango « **Carmel Rwanda** » ni Umubikira MUKARUKEBA Colette, umunyarwandakazi uba i Kigali, Akarere ka Nyamirambo, Umujiyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umusimbura wa mbere w'Uhagarariye uwo muriyango ni Umubikira MUKAYIGAMBA Thérésie, umunyarwandakazi uba i Kigali, Akarere ka Nyamirambo, Umujiyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umusimbura wa kabiri w'Uhagarariye uwo muriyango ni Umubikira MUKAMUGANGA Marie, umunyarwandakazi uba i Kigali, Akarere ka Nyamirambo, Umujiyi wa Kigali.

Ingingo ya 2:

Ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 3:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 17/03/2003

Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego
MUCYO Jean de Dieu
(sé)

ARRETE MINISTERIEL N° 026/11 DU 17/03/2003 PORTANT AGREMENT DE LA REPRESENTANTE LEGALE ET DES REPRESENTANTS LEGALES SUPPLEANTES DE L'ASSOCIATION « CARMEL RWANDA »

Le Ministre de la Justice et des Relations Institutionnelles,

Vu la Loi Fondamentale de la République Rwandaise, telle que revue à ce jour, spécialement l'article 16,6° du Protocole d'Accord relatif au Partage du Pouvoir, signé à Arusha le 30 octobre 1992 ;

Vu la loi n°20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en son article 20;

Revu l'Arrêté Ministériel n°097/17 du 22 octobre 1999 portant agrément de la Représentante Légale et des Représentantes Légales Suppléantes de l'Association « **Carmel Rwanda** », spécialement à son article premier ;

Sur requête de la Représentante Légale de l'Association « **Carmel Rwanda** » reçue le 10 septembre 2002;

Vu la décision du Conseil des Ministres en sa séance du 20 mars 2002 ;

ARRETE:

Article premier:

Est agréée en qualité de Représentante Légale de l'Association «**Carmel Rwanda**», la Révérende Sœur MUKARUKEBA Colette, de nationalité rwandaise, résidant à Kigali, District de Nyamirambo, Ville de Kigali.

Est agréée en qualité de première Représentante Légale Suppléante de la même Association, la Révérende Sœur MUKAYIGAMBA Thérèse, de nationalité rwandaise, résidant à Kigali, District de Nyamirambo, Ville de Kigali.

Est agréée en qualité de seconde Représentante Légale Suppléante de la même Association, la Révérende Sœur MUKAMUGANGA Marie, de nationalité rwandaise, résidant à Kigali, District de Nyamirambo, Ville de Kigali.

Article 2:

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 3:

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 17 mars 2003

Le Ministre de la Justice et des Relations Institutionnelles
MUCYO Jean de Dieu
(sé)

ARRETE MINISTERIEL N° 115/11 DU 28/09/2005 PORTANT APPROBATION DES MODIFICATIONS APORTEES AUX STATUTS DE L'ASSOCIATION « CARMEL RWANDA-KIGALI ».

Le Ministre de la Justice,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, spécialement les articles 120 et 121 ;

Vu la loi n°20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 12, 14 et 42;

Vu l'Arrêté Présidentiel n°27/01 du 18 juillet 2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Revu l'Arrêté Ministériel n°161/11 du 03 avril 1975 portant approbation des modifications apportées aux statuts de l'Association « Carmel de Zaza-Lez Kigali Rwanda », spécialement à son article premier ;

Sur requête de la Représentante Légale de l'Association « **Carmel Rwanda-Kigali** » reçue le 29 juillet 2005;

ARRETE:

Article premier:

Est approuvée la décision de la majorité des membres effectifs de l'Association « **Carmel Rwanda-Kigali** », prise au cours de l'Assemblée Générale du 09 janvier 2002 de modifier les statuts de ladite association tels qu'ils figurent en annexe du présent arrêté.

Article 2:

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 3:

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à la date du 09 janvier 2002.

Kigali, le 28 septembre 2005

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF CONFESIONNELLE
« CARMEL RWANDA-KIGALI »

PREAMBULE

L'Assemblée Générale de l'Association « Carmel Rwanda Kigali », réunie à Nyamirambo en date du 09 janvier 2002.

Vu la loi n°20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 12, 14 et 42 ;

Adopte les modifications apportées aux statuts de ladite Association agréées par l'arrêté royal de mars 1953, revu par l'Arrêté Ministériel du 25 avril 1962, révisé par l'Arrêté Ministériel n°161 du 3/04/1975 ci-après libellés comme suit :

STATUTS

CHAPITRE PREMIER : DE LA DENOMINATION, DU SIEGE, DE LA DUREE ET DE L'OBJET

Article premier:

Il est constitué entre les soussignées, une association confessionnelle sans but lucratif dénommée « **Carmel Rwanda Kigali** » régie par les présents statuts et soumise aux dispositions de la loi n°20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif.

Article 2:

Le siège de l'Association est établi à Nyamirambo, District de Nyamirambo, Ville de Kigali, B.P.270 Kigali, Tél. 574810. Il peut néanmoins être transféré en tout autre endroit de la République du Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.

Article 3:

L'association exerce ses activités sur l'étendue de l'Archidiocèse de Kigali, mais peut les étendre au-delà sur décision de l'Assemblée Générale. Elle est créée pour une durée indéterminée.

Article 4:

En conformité avec la Règle de l'Ordre du Carmel et les Constitutions des Carmélites Déchaussées, l'Association a pour objet:

- ❖ Exercer l'apostolat purement contemplatif, qui consiste à prier avec et pour l'Eglise universelle en général, et celle du Rwanda en particulier; et qui apporte un soutien spécial de prières aux ouvriers de l'Evangile ;
- ❖ Vivre dans l'état de prière continuelle et de l'immolation en faveur de toute l'humanité et prier intensément pour les chefs d'état ;
- ❖ Implanter la vie purement contemplative dans les jeunes Eglises et témoigner parmi les non chrétiens de la majesté et de la charité de Dieu ;
- ❖ Contribuer au développement socio-économique de la population par la création et l'expansion des œuvres philanthropiques, à travers le Rwanda et le monde.

CHAPITRE II : DES MEMBRES

Article 5 :

L'association se compose des membres fondateurs, des membres adhérents, des membres à l'essai et des membres d'honneur.

Sont membres fondateurs, les signataires des présents statuts.

Sont membres adhérents, les personnes physiques qui sur, demande et après avoir été liées par les vœux de religions au monastère du carmel, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Sont membres à l'essai toutes celles qui ne sont pas encore liées par les vœux de religion au monastère du carmel: les novices et les postulantes. Ils sont régis par les normes du droit propre.

Les membres fondateurs et les membres adhérents constituent les membres effectifs de l'association. Ils ont les mêmes droits et les mêmes devoirs vis-à-vis de l'association.

Les membres d'honneur sont proposés par le Conseil du Monastère et agréées par l'Assemblée Générale. Ils jouent un rôle consultatif, mais ne prennent pas part aux votes.

Article 6 :

Les membres effectifs prennent l'engagement de participer inconditionnellement aux activités de l'association. Ils assistent aux réunions de l'Assemblée Générale avec voix délibérative. Ils ont l'obligation de travailler pour la vie et l'avancement de l'association selon le droit propre.

Article 7 :

Les demandes d'adhésion sont adressées à la Présidente du Conseil du Monastère et soumises à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Article 8

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'association.

Le retrait volontaire est adressée par écrit à la Présidente de l'association et soumise à l'approbation l'Assemblée Générale.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement intérieur de l'association.

CHAPITRE III : DU PATRIMOINE

Article 9 :

L'Association peut posséder soit en jouissance, soit en propriété, un terrain, des biens, meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de son objectif.

Article 10 :

Les ressources de l'association proviennent des contributions des membres, des dons et legs, des subventions diverses et des bénéfices réalisés par les activités de l'association dans le cadre de la réalisation de son objectif.

Article 11 :

L'Association affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire ou d'exclusion.

Article 12 :

En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles de l'Association et apurement du passif, l'actif du patrimoine est partagé entre les membres.

CHAPITRE IV : DES ORGANES DE L'ASSOCIATION

Article 13:

Les organes de l'association sont :

L'Assemblée Générale ou le Chapitre, le Conseil du Monastère et le Conseil de surveillance.

Section première : De l'Assemblée Générale

Article 14:

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'Association. Elle est composée de tous les membres effectifs de l'Association aptes physiquement et psychiquement.

Article 15:

L'Assemblée Générale est convoquée et dirigée par la Présidente du Conseil Monastère ou le cas échéant par la première, la seconde ou la troisième Vice-Présidente.

En cas d'absence ou d'empêchement ou de défaillance de la Présidente et de toutes les Vice-Présidentes, l'Assemblée Générale est convoquée par écrit par la moitié des membres effectifs. Pour la circonstance, elle élit en son sein une Présidente de la session.

Article 16:

L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en session ordinaire. Les invitations contenant l'ordre du jour, la date, l'heure et le lieu, sont remises aux membres au moins 30 jours avant la réunion. Elle peut également se réunir en session extraordinaires autant de fois que de besoin.

Article 17:

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque 2/3 de membres effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de 15 jours. A cette occasion, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux associations sans but lucratif, et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité des voix, celle de la Présidente compte double.

Article 18:

Les pouvoirs dévolus à l'Assemblée Générale sont ceux définis à l'article 16 de la loi n°20/2000 du 26 juillet 2000 relatives aux associations sans but lucratif à savoir:

- Adopter et modification des statuts et du règlement d'ordre intérieur ;
- Nomination et révocation de la Représentante Légale et les Représentantes Légales Suppléantes, restant sauves les dispositions du droit propre du Carmel;
- Détermination des activités de l'association;
- Admission, suspension ou exclusion d'un membre restant sauves les dispositions du droit propre du Carmel;
- Approbation des comptes annuels.
- Acceptation des dons et legs ;
- Dissolution de l'association restant sauves les dispositions du numéro 208 des Constitutions des Carmélites Déchaussées.

Section deuxième : Du Conseil du Monastère

Article 19:

Le Conseil du Monastère est composé :

- De la Présidente : Représentant Légale ;
- De deux Vices-Présidentes : Représentantes Légales Suppléantes ;
- D'une Secrétaire;
- D'une Trésorière.

Article 20:

Les membres du Conseil du Monastère sont élus parmi les membres effectifs par l'Assemblée Générale pour un mandat de trois ans renouvelable.

En cas de décès, de démission volontaire ou forcée prononcée par l'Assemblée Générale d'un membre du Conseil du Monastère au cours du mandat, le successeur élu achève le mandat du prédécesseur.

Article 21:

Le Conseil du Monastère se réunit une fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par trimestre sur convocation et sous la direction, soit de la Présidente, soit de l'une des deux Vices-Présidentes, le cas échéant. Il siège et délibère valablement à la majorité absolue des membres. En cas de parité des voix, celle de la Représentante Légale compte double.

Article 22:

Le Conseil du Monastère a pour attributions:

- exécuter les décisions et recommandations de l'Assemblée Générale;
- s'occuper de la gestion quotidienne de l'association ;
- rédiger le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé ;
- élaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale;
- approbation des rapports et des comptes annuels;
- proposer à l'Assemblée Générale les modifications aux statuts et au règlement intérieur ;
- préparer et diriger les sessions de l'Assemblée Générale ;
- négocier les accords de coopération et de financement avec des partenaires ;
- recruter, affecter et licencier le personnel des différents services de l'association.

Section troisième : Du Conseil de surveillance

Article 23:

L'Assemblée Générale nomme annuellement un ou deux commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler et tout temps la gestion des finances de l'association et lui en faire rapport. Ils ont l'accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'Association.

CHAPITRE V: DES MODIFICATIONS AUX STATUTS ET DE LA DISSOLUTION DE L'ASSOCIATION

Article 24:

Les présents statuts peuvent faire objet de modifications sur décision de l'Assemblée Générale à la majorité absolue des voix, soit sur proposition du Conseil du Monastère, soit à la demande de la moitié des membres effectifs.

Article 25:

Sur décision de la majorité de 2/3 des voix, l'Assemblée Générale peut prononcer la dissolution de l'association.

Article 26:

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'association adopté par l'Assemblée Générale.

Article 27:

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres effectifs de l'association dont la liste est en annexe.

Fait à Nyamirambo, le 09/01/2002.

LES MEMBERS EFFECTIFS (LISTE NOMINATIVE ET SIGNATURE)

N°	Nom et Prénom	Profession	Nationalité	Résidence	Signature
01	Sœur MUKANDOLI Agnès	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	
02	Sœur MUKAMWEZI Marie Ode	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
03	Sœur MUKASIRIKARE Marie Madeleine	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
04	Sœur MUKAYIRANGA Estella	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
05	Sœur MUKAMUGANGA Marie	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
06	Sœur MUKAYIGAMBA Thérésie	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
07	Sœur MUKARUKEBA Colette	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
08	Sœur MUKAMARIYALE Marie Immaculée	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
09	Sœur MUKAGASANA Marie Goreti	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
10	Sœur MUKANTWALI Léonilla	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
11	Sœur NYIRANSABIMANA Marie	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
12	Sœur MUREKATETE Liberata	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
13	Sœur MUKANDANGA Ancila	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
14	Sœur NSABIMANA Marie Aimée Françoise	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
15	Sœur MUKANYANDWI Agnès	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
16	Sœur NTAKINANIRIMANA Spéciose	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)

PROCES-VERBAL DU 9 JANVIER 2002 DE L'ASBL « CARMEL RWANDA KIGALI ».

L'Assemblée Générale de l'Association « Carmel Rwanda Kigali », réunie à Nyamirambo en date du 09 janvier 2002 ;

Vu la loi n°20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 12, 14 et 42;

A approuvé les modifications des statuts de ladite Association agréés par Arrêté royal de mars 1953, revu par l'Arrêté Ministériel du 25 avril 1962, révisé par l'Arrêté Ministériel n°161 du 3/04/1975.

Etaient présents et d'accord :

N°	Nom et Prénom	Profession	Nationalité	Résidence	Signature
01	Sœur MUKANDOLI Agnès	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	
02	Sœur MUKAMWEZI Marie Ode	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
03	Sœur MUKASIRIKARE Marie Madeleine	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
04	Sœur MUKAYIRANGA Estella	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
05	Sœur MUKAMUGANGA Marie	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
06	Sœur MUKAYIGAMBA Thérésie	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
07	Sœur MUKARUKEBA Colette	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
08	Sœur MUKAMARIYALE Marie Immaculée	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
09	Sœur MUKAGASANA Marie Goreti	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
10	Sœur MUKANTWALI Léonilla	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
11	Sœur NYIRANSABIMANA Marie	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
12	Sœur MUREKATETE Liberata	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
13	Sœur MUKANDANGA Ancila	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
14	Sœur NSABIMANA Marie Aimée Françoise	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
15	Sœur MUKANYANDWI Agnès	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)
16	Sœur NTAKINANIRIMANA Spéciose	Religieuse	Rwandaise	Ville de Kigali	(sé)

ITEKA RYA MINISITIRI N° 021/15.00/2004/COOP RYO KUWA 04/03/2004 RIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « COOTHEGIM » (COOPERATIVE DES THEICULTEURS DE GISOVU-MUKO)

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 ritunganya amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Amaze kubona ibaruwa yo kuwa 26/09/2002 yanditswe na Bwana SINAYOBYE Thomas, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Koperative « COOTHEGIM » (Coopérative des Théiculteurs de Gisovu-Muko), ifite intebe yayo mu Karere k'Itabire, Intara ya Kibuye;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

Koperative “COOTHEGIM” (Coopérative des Théiculteurs de Gisovu-Muko) ifite intebe yayo mu Karere k'Itabire, Intara ya Kibuye, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 04/03/2004.

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

KOPERATIVE Y'ABAHINZI B'ICYAYI GISOVU-MUKO
(COOTHEGIM) B.P. 127 KIBUYE

AMATEGEKO AGENGA KOPERATIVE

INTERURO YA MBERE : IREMWA RYA KOPERATIVE

Ingingo ya mbere: Ishingwa rya Koperative.

Abashyize umukono kuri aya mategeko n'abandi bayemera twiyemeje gushinga Koperative y'abahinzi b'icyayi igengwa n'amategeko agenga Koperative mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Izina rya Koperative.

Koperative yiswe "COOTHEGIMU" mu magambo ahinnye y'igifaransa, bisobanura : Koperative y'Abahinzi b'Icyayi ba Gisovu na Muko.

Ingingo ya 3: Icyicaro cya Koperative

Icyicaro cya Koperative gishinzwe mu Gakuta mu Karere k'Itabire, Intara ya Kibuye. Gishobora kwimurirwa aho ariho hose byemejwe n'Inama Rusange.

Ingingo ya 4: Intego ya Koperative.

Icyo Koperative iharanira :

- Kongera umusaruro w'icyayi mu bwinshi no mu bwiza;
- Kwegereza abahinzi b'icyayi ifumbire n'ibikoresho by'ibanze ku giciro cyiza;
- Guhugura abahinzi mu buryo busanzwe n'ubuzaza mu gukorera icyayi.

Ingingo ya 5: Imbibi za Koperative.

Imbibi za Koperative ni Uturere dukurikira : Itabire, Rusenyi tw'Intara ya Kibuye, na Mushubi k'Intara ya Gikongoro.

Ingingo ya 6: Igihe Koperative izamara.

Koperative izamara imyaka makumyabiri n'itanu (25 ans) uhereye ku muni yashingiweho burundu, kereka icyo gihe kiramutse cyongerewe cyangwa Koperative igaseswa mbere y'igihe cyateganyijwe.

INTERURO YA II: IMARI

Ingingo ya 7: Imari ya Koperative

Imari irahinduka, ishobora kwiyongera habayeho abanyamuryango bashya batanga imigabane, bakabigenza nk'uko abambere babigize. Imari igizwe n'imigabane y'amafaranga 1.000 buri mugabane. Ni ukuvuga imari shingiro ya 2.500.000 Frws ku banyamuryango 2.500. Imari shingiro ishobora kugabanuka bitewe no guhomba, kwishyura cyangwa kuzibukira imyenda.

Imigabane buri munyamuryango atanga igaragazwa n'icyemezo cyanditseho umubare w'amafaranga yishyuye cyangwa agaciro k'ibintu yatanzeho imigabane no kuba yanditse mu gitabo cy'abanyamuryango.

Imigabane y'abanyamuryango yandikwa ku izina rya nyirayo, ntishobora guhabwa undi Inama Rusange itabemeye.

INTERURO YA III: ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 8: Iyemerwa n'ubwishingizi by'abanyamuryango

Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango wa Koperative agomba kuba :

- Umuhinzi w'icyayi mu Karere Koperative ikoreramo ;
- Afite nibura imyaka 18 ;
- Kugaragaza ko afite inyungu mu Karere Koperative ikoreramo kandi agakorana nayo buri gihe ;
- Kudakora imirimo yabangamira iya Koperative ;
- Kuba yarishyuye imigabane ye yose mu mari ya Koperative nk'uko biteganywa n'amategeko ayigenga ;
- Kwemerwa n'Inama Rusange.

Ingingo ya 9: Ubwishingizi bw'Abanyamuryango

Buri munyamuryango yishingira imyenda yafashwe na Koperative igihe cyose akiyirimo.

Isezererwa ry'Abanyamuryango

Ingingo ya 10:

Umuntu areka kuba umunyamuryango bitewe no kwegura cyangwa kwirukanwa.

Ingingo ya 11:

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kuyivamo. Abimenyesha Inama y'Ubutegetsi akoresheje inyandiko nayo ikabishyikiriza Inama Rusange ikurikira.

Ingingo ya 12:

Bisabwe na buri wese ubifitemo inyungu, buri munyamuryango ashobora kwirukanwa iyo ayangiriza cyangwa adakora ibyo yiyemeje, adakurikiza amategeko n'ibyemezo by'Inama Rusange n'iby'Inama y'Ubutegetsi.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inama Rusange ku bwiganze bwa $\frac{3}{4}$ by'amajwi y'abahari, nk'uko biteganywa mu ngingo ya 20 y'iri tegeko.

Icyakora mu gihe cyihutirwa, Inama y'Ubutegetsi ishobora guhagarika umunyamuryango mu gihe igitegereje icyemezo cy'Inama Rusange ikurikira.

Ingingo ya 13: Isubizwa ry'imigabane.

Buri munyamuryango usezeye cyangwa wirukanwe afite uburenganzira bwo gusubizwa mu gihe cy'imyaka ibiri imigabane ye havuyemo igihombo cyabonetse ku mari shingiro n'imyenda afitiye Koperative kimwe n'uruhare rwe mu myenda n'inguzanyo byafashwe na Koperative atarayivamo.

Ahabwa kandi n'inyungu ku migabane ye igihe cyose atarayisubizwa. Abona kandi uruhare ku bwasisi bwabonetse muri Koperative mu gihe cyose akiyirimo.

Ingingo ya 14: Abisunze Koperative

Koperative ishobora gukorana n'abatayirimo igihe cyose bitanyuraniye n'amategeko ayigenga. Abo ntibashobora kugira uruhare mu butegetsi cyangwa ku bwasisi bugenwa buri mwaka.

Ingingo ya 15: Abakozi ba Koperative

Koperative ishobora gukoresha abakozi bahembwa ariko ikibanda ku banyamuryango.

INTERURO YA IV : INZEGO N'UBUBASHA BWAZO

Igice cya mbere : Inama Rusange

Ingingo ya 16:

Inama Rusange igizwe n'abanyamuryango bose ba Koperative. nirwo rwego rukuru izindi nzego zose zihabwa ububasha nayo. Bitewe n'ubunini bw'akarere k'aho ikorera n'umubare w'abanyamuryango, Koperative iteganya Inama Rusange z'Uturere.

Ingingo ya 17:

Inama Rusange ya Koperative igizwe n'Inama y'Ubutegetsi n'abahagarariye uturere.

Abahagarariye Inama Rusange y'Akarere bageza ku Nama Rusange ya Koperative ibyemezo byafashwe n'Inama Rusange y'Akarere bahagarariye.

Ingingo ya 18:

Inama Rusange isanzwe iterana kabiri mu mwaka itumijwe na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi kugira ngo :

- Imenyeshye ibyakozwe na Koperative umwaka ushize;
- Isuzume kandi yemeze ibarura ry'Umutungo;
- Bibaye ngombwa itore abagize Inama y'Ubutegetsi n'iy'Ubugenzuzi;
- Yemeze bibaye ngombwa ubwasisi bugomba gutangwa n'uko bwatangwa;
- Iteganye ibizakorwa mu gihe kiri imbere, iteganye kandi n'ingingo y'imari;
- Isuzume ikindi kibazo cyose giteganyijwe kwigwa uwo muni.

Ingingo ya 19: Itumwaho ry'Inama Rusange

Intumwa z'uturere ziteranira mu Nteko Rusange ziyobowe n'Inama y'Ubutegetsi. Itumirwa ry'inteko rigomba gutangazwa nibura iminsi 20 mbere y'itariki yagenwe. Amatangazo agomba kumanikwa ku biro by'Akarere n'umurenge uturere twa Koperative duherereyemo.

Agomba kuba yanditsemo gahunda y'umunsi w'Inama kandi agasobanura aho inama izabera, itariki n'isaha izaberaho.

Buri intumwa y'Akarere yoherezwa urwandiko ruri ukwarwo ruyitumira kuza mu Nteko Rusange kandi rukayimenyeshya itariki n'aho inama izabera na gahunda y'uwo muni, Umuyobozi w'Akarere w'aho Koperative ikorera akabimenyeshwa.

Ingingo ya 20:

Inama Rusange ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe, iyo umubare w'abanyamuryango n'abahagarariye n'abandi utarenze $\frac{1}{2}$ cy'abanyamuryango bose. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, Inama Rusange ihamagazwa bwa kabiri mu minsi umunani (8) ku buryo bumwe nk'iya mbere.

Yiga kandi ibyari bisanzwe biteganyijwe kandi igafata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abahari n'abahagarariye baba bangana kose. Ibyemezo bifatwa hakurikijwe umubare w'amajwi arenga $\frac{1}{2}$ cy'abahari n'abahagarariye.

Ingingo ya 21:

Inteko Rusange iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi, kandi igihe adahari ikayoborwa n'Umwungirije, nawe yaba atayijemo inama ikitoramo uyiyobora.

Ingingo ya 22: Uburenganzira bw'itora.

Intumwa yose y'akarere yatowe ifite uburenganzira bwo kuza mu Nteko Rusange kandi igatanga ijwi rimwe gusa.

Intumwa y'akarere idashoboye kujya mu nama ishobora gutuma indi kuyihagararira, iyo ntumwa ikaba isanzwe yaratowe.

Uwatumwe agira amajwi atarenze abiri ubariyemo n'irye, ubutumwa bwomekwa ku nyandiko mvugo y'Inama Rusange.

Ingingo ya 23: Inama Rusange idasanzwe

Inama Rusange idasanzwe ishobora guterana itumiwe n'Inama y'Ubutegetsu cyangwa Inama y'Ubugenzuzi bisabwe n'icya 3 cy'abagize Koperative. Isuzuma ivugurura ry'amategeko agenga Koperative ikaniga ikibazo cyose gikomeye kandi cyihutirwa kireba Koperative.

Ingingo ya 24:

Inama Rusange idasanzwe itumizwa nibura hasigaye iminsi cumi n'itanu kugira ngo iterane.

Ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo abanyamuryango bahari, n'abahagarariwe batageze kuri 2/3 by'abagize Inama Rusange.

Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, Inama ihamagazwa bwa kabiri mu minsi umunani (8).

Ifata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abahari n'abahagarariye abandi baba bangana kose.

Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi ahari n'abahagarariwe.

Icyiciro cya II

Ingingo ya 25: Inama y'Ubutegetsu

Inama y'Ubutegetasi igizwe n'abantu 10 :

- Perezida
- Visi Perezida wa mbere
- Visi Perezida wa kabiri
- Umunyamabanga
- Abantu batandatu (6) bahagarariye uturere (Divisions : Muko na Gisovu).

Inama y'Ubutegetsu itorwa n'Inteko Rusange y'abatowe mu turere kandi igakurwaho nayo. Abagize Inama y'Ubutegetsu batorwa mu banyamuryango. Batorerwa igihe cy'imyaka itatu.

Ingingo ya 26 :

Kugira ngo umuntu ashobore gutorerwa kuba mu Nama y'Ubutegetsu bwa Koperative agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

1. Kuba adakora umurimo ahemberwa muri icyo Koperative.
2. Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze amezi atandatu mu myaka itanu ishize,
3. Kuba adakora umurimo ubangamiye Koperative, urwego ruto, urwisumbuye, cyangwa urwego runini rwa Koperative ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, yaba abikorera rimwe na rimwe cyangwa igihe cyose.

Ingingo ya 27 :

Abagize Inama y'Ubutegetsu baryozwa amakosa baba barakoze buri muntu ku giti cye cyangwa bafatanyije igihe bakoraga imirimo bashinzwe muri Koperative.

Ingingo ya 28 : Ububasha bw'Inama y'Ubutegetsi

Kugira ngo imirimo ya Koperative ibonere, Inama y'Ubutegetsi igira ububasha bukurikira :

- Gushyiraho no gukuraho abakozi ba Koperative ;
- Iyo bashyiraho abakozi bibanda cyane cyane ku banyamuryango ;
- Inama y'Ubutegetsi niyo ishyiraho amabwiriza abakozi bagomba gukurikiza ;
- Gushyiraho amabwiriza yubahiriza cyangwa yuzuzwa aya mategeko ;
- Kugenzura niba imirimo ya Koperative igenda neza;
- Gutegura ubwasisi bugomba gutangwa niba inyungu ya Koperative ihagije;
- Inama y'Ubutegetsi ishobora guha umwe cyangwa benshi mu bayigize cyangwa undi muntu wese ububasha bwo kurangiza imwe mu mirimo ifitiye Koperative akamaro;
- Gushyira umukono ku nyandiko zose zirebana n'inyinjirize n'imisohokere y'umutungo wa Koperative.

Ingingo ya 29:

Abagize Inama y'Ubutegetsi ntibabihemberwa, ariko iyo baje mu nama cyangwa mu yindi mirimo ya Koperative, basubizwa amafaranga batanze, bagahabwa insimburamubyizi, kandi iyo umwaka urangiye bagenerwa agashimo n'Inteko Rusange hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko agenga Koperative.

Igice cya III : Inama y'Ubugenzuzi

Ingingo ya 30:

Buri mwaka Inama Rusange ishyiraho Inama y'Ubugenzuzi igizwe n'abantu 3 b'abanyamuryango cyangwa bataribo bashinzwe kugenzura imirimo yose ya Koperative.

Abagize Inama y'Ubugenzuzi bashobora kongera gutorwa. Amategeko agenga Koperative agenga imikorere y'iyi nama.

Ingingo ya 31:

Inama y'Ubugenzuzi ishinze kugenzura ibitabo, isanduku n'ibyo Koperative itunze itabikuye aho buri, kugenzura ibaruramutungo n'ifoto y'umutungo no kureba niba ibarura ry'umutungo ari ryo. Raporo igashyikirizwa Inama Rusange.

Inama y'Ubugenzuzi ishobora buri gihe gusuzuma cyangwa kugenzura ibyo ibona ko ari ngombwa, ariko itivanze mu micungire ya Koperative ya buri muni.

Inama y'Ubugenzuzi ishinze no kugenzura niba ibyemezo byafashwe n'Inama Rusange n'iy'Ubutegetsi byarubahirijwe, ikareba kandi niba amategeko agenga Koperative n'ay'umwihariko akurikizwa.

Abagize Inama y'Ubugenzuzi bashobora guhabwa igihembo gishyirwaho n'Inama Rusange.

Ingingo ya 32:

Abadashobora gutorerwa kuba mu bagize Inama y'Ubugenzuzi bwa Koperative ni :

1. Abagize Inama y'Ubutegetsi, abo bashyiranywe kimwe nabo bafitanye isano kugeza ku rwego rwa mbere.
2. Abantu bahembwa ku buryo ubwo aribwo bwose na Koperative, n'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa n'abacungamutungo ba Koperative, ndetse n'abashyiranywe n'abo bantu bahembwa.

Iyo hagize umwe muri iyi mizero yateganyijwe ugaragara kandi Umugenzuzi yaratangiye imirimo, ategatswe kwegura ako kanya kandi akabimenyesha Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi mu minsi itarenze cumi n'itanu umuziro umenyekanye.

ICYICIRO CYA IV : UBUCUNGAMARI

Ingingo va 33 :

Inama y'Ubutegetsi ishira umucungamutungo umwe cyangwa benshi b'abanyamuryango cyangwa bataribo bashinzwe gucunga Koperative buri muni bayobowe n'Inama y'Ubutegetsi.

Umucungamutungo abujijwe gukora ku buryo butaziguye cyangwa buziguye imirimo ibangamiye Koperative.

Inama y'Ubutegetsi igena umushahara n'ibindi bihembo by'Umucungamutungo.

INTERURO YA V : IBYEREKEYE IMARI

Ingingo va 34: Igihe fatizo

Igihe fatizo gitangira kuya mbere mutarama, kitarangira kuri 31 Ukuboza buri mwaka ; uretse igihe fatizo cya mbere cyatangiyeye nyuma y'itariki ya mbere mutarama.

Iyo buri mwaka urangiye, Inama y'Ubutegetsi yandika ibintu byose Koperative itunze, ikareba uko imari yakoreshejwe, igihombo n'urwunguko, igakora n'ifoto y'umutungo hamwe na raporo isobanurira abanyamuryango uko Koperative yatunganiye imirimo yayo mu mwaka ushize.

Uru rupapuro rwanditseho ibintu byose Koperative itunze, ifoto y'umutungo, urwandiko rwanditseho uko imari yakoreshejwe n'urwanditseho igihombo n'urwunguko bigomba guhabwa abashinzwe kugenzura imari ya Koperative iminsi mirongo ine nibura mbere y'uko Inama Rusange iterana.

Izo nyandiko zose hamwe n'ururiho ibyo Koperative itunze byose na raporo z'Inama y'Ubutegetsi n'iz'Ubugenzuzi bw'Imari zishyirwa mu biro by'inteko ya Koperative aho abayirimo bese bashobora kubisoma cyangwa mu nteko ya buri karere kuva ku minsi icumi n'itanu ibanziriza itariki y'Inama Rusange.

Ibyavugiye mu nama y'Akarere no mu Nteko Rusange ntibigira agaciro iyo bitabanjirijwe no gusoma raporo y'uwahawe kugenzura imari ya Koperative.

Ingingo va 35: Uburvyo amafaranga aboneka

Amafuranga y'inyungu abonetse buri mwaka havanyweho ayatanzwe ku bikorwa rusange n'andi yose Koperative igomba kwishyura agabanywa ku buryo bukurikira :

- 20% azigamirwa Koperative ku itegeko;
- 70% Inama Rusange igena uko azakoreshejwe;
- 10% asigaye ashirwa mu kigega kigoboka amakoperative.

Ingingo va 36:

Kuzigamira Koperative bireka kuba itegeko igihe umubare w'amafuranga yabitswe ungana n'imari shingiro ya Koperative. Ayo mafuranga azigamwa ni umutungo rusange udashobora kugabanywa Abanyamuryango. Ntashobora gushyirwa mu mutungo w'ishingiro cyangwa kongera imigabane y'abanyamuryango.

Iyo Koperative isheshwe, Inama Rusange yemeza icyo yakoreshejwe.

Ingingo va 37:

Ubwasisi buhabwa abanyamuryango hakurikijwe ibyo bakoranye na Koperative.

Ingingo va 38:

Iyo Koperative yahombye, nta bwasisi bushobora gutangwa igihe cyose inyungu y'imyaka ikurikira itaraziba icyuho cyatewe n'icyo gihombo.

Ingingo ya 39:

Iyo imari y'ishingiro igabanutseho kimwe cya kabiri, Inama Rusange idasanzwe igomba guterana ikaba yafata icyemezo cyo gusesa Koperative.

INTERURO YA VI : AMATEGEKO RUSANGE

Ingingo ya 40: Ikemurwa ry'impaka

Imanza zose zishobora kuvuka ku byerekeye Koperative zibanza gushyikirizwa Inama y'Ubutegetsi ikagerageza kubikiranura bya kivandimwe mbere yo kuzohereza mu nkiko.

Iyo bibaye urubanza, igihe Koperative igikora cyangwa igihe igiseswa, rucibwa n'inkiko zo mu karere intebe ya Koperative irimo.

Ingingo ya 41: Iseswa rya Koperative

Iyo hahombye $\frac{3}{4}$ by'imari ya Koperative, abayobozi bategetswe gutumiza Inteko Rusange idasanzwe y'Abanyamuryango bose kugira ngo bemeze ko Koperative ikwiye guseswa.

Igihe Koperative ivuyeho, amafaranga asagutse yose harimo ayazigamwe bamaze gusubiza abanyamuryango ayo babikijemo, ahabwa umuryango wa Koperative cyangwa undi ufiteye abaturage akamaro rusange.

Ingingo ya 42: Itegeko ry'umwihariko

Ku biteganijwe mu mategeko y'iyi Koperative, Inama y'Ubutegetsi ishobora gushyiraho itegeko ry'umwihariko ariko bikemerwa n'Inteko Rusange.

ITEKA RYA MINISITIRI N° 024/15.00/2004/COOP RYO KUWA 13/07/2004 RIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « DUKUNDEKAWA ».

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 ritunganya amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Amaze kubona ibaruwa yo kuwa 30/01/2004 yanditswe na Bwana MINANI Anastase, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Koperative « DUKUNDEKAWA », ifite intebe yayo mu Karere ka Rushashi, Intara ya Kigali-Ngari;

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri cyo kuwa 25/02/2004 ;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

Koperative “DUKUNDEKAWA” ifite intebe yayo mu Karere ka Rushashi, Intara ya Kigali-Ngari, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 13/07/2004

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

AMATEGEKO AGENGA KOPERATIVE “DUKUNDEKAWA“

INTERURO YA MBERE : IREMWA RY’UMURYANGO.

Ingingo va mbere : Ishingwa rya Koperative

Abashyize umukono kuri aya mategeko n’abandi bazayemera, bashinze Koperative „DUKUNDEKAWA“ igengwa n’amategeko ariho mu gihugu, cyane cyane, itegeko ryo kuwa 12 Ukwakira 1988, ritunganya amakoperative.

Ingingo va 2 : Izina rya Koperative

Koperative imaze kuremwa yiswe “DUKUNDEKAWA“.

Ingingo va 3 : Icyicaro cya Koperative

Icyicaro cya Koperative gishyizwe i Musasa, mu Karere ka Rushashi, Umurenge wa Ruli, Intara ya Kigali-Ngari.

Ingingo va 4 : Imbibi z’aho ikorera

Koperative ikorera mu mirenge cumi n’umwe (11): iyo mu Karere ka Rushashi ariyo: Ruli, Gatagara, Nkara, Mbilima, Coko, Kiruku, Nyange, Gikingo na Gihande. N’indi ibiri (2) yo mu Karere ka Shyorongi ariyo: Huro na Musagara.

Ingingo va 5 : Intego va Koperative

Icyo Koperative igamije:

- Kurushaho kwigisha abahinzi ba kawa gukoresha ifumbire mu mirima yabo n’imiti yica udukoko twangiza kawa kugira ngo babone umusaruro w’ikawa mwiza.
- Kujya ku isoko mpuzamahanga ry’ikawa, kugira ngo babone igiciro cyiza cya kawa yatunganyijwe mu ruganda rwayo rutunganya ikawa ruri i Musasa.
- Gushakira abanyamuryango imibereho myiza muri rusange.

Ingingo va 6 : Igihe Koperative izamara

Koperative imaze gushingwa izamara igihe cy’imyaka mirongo itatu (30) kuva ikimara kubona ubuzimagatozi, keretse icyo gihe cyungurujwe cyangwa kigaseswa igihe kitaragera.

INTERURO YA II : ABANYAMURYANGO

Ingingo va 7 : Ivyemerwa ry’abanyamuryango

1. Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango, agomba kuba ari umuhinzi wa kawa;
2. Kuba afite nibura imyaka cumi n’umunani (18) y’amavuko;
3. kugaragaza ko afite inyungu mu karere iyo Koperative ikoreramo;
4. kudakora imirimo ibangamiye koperative, kuba yarujije umugabane shingiro;
5. Kwiyemeza kunyuzwa muri koperative ibikorwa byose cyangwa igice cyabyo biteganyijwe mu ngingo ya gatanu (5) y’aya mategeko ivuga intego ya Koperative;
6. kwemerwa n’Inama Rusange ya koperative binyujijwe ku Nama y’Ubutegetsi.

Ingingo va 8 : Kureka kuba umunyamuryango

Umuntu areka kuba umunyamuryango wa koperative bitewe n’urupfu, ukwegura cyangwa ukwirukanwa.

Ingingo ya 9 : Kwikura muri koperative

Ushaka kwegura muri koperative, yandikira Inama y'Ubutegetsi ikamuha icyemezo kivuga ko ibonye urwo rwandiko. Hanyuma iraterana ikamusubiza mu buryo bwanditse mu gihe kitarenze amezi atandatu. Icyo gihe nigishira ntacyo Inama y'Ubutegetsi imushubije, uwasabye kuvamo yigendera nta nkomyi.

Ingingo ya 10 : Iwirukanwa

Bisabwe na buri wese ubifitemo inyungu, buri munyamuryango ashobora kwirukanwa, iyo awangiriza cyangwa adakora ibyo yiyemeje, adakurikiza amategeko ya koperative n'ibyemezo byafashwe n'inzego za koperative.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango, gifatwa n'Inama Rusange ku bwiganze bwa $\frac{3}{4}$ by'amajwi y'abahari.

Icyakora, mu gihe byihutirwa, Inama y'Ubutegetsi ishobora guhagarika umunyamuryango mu gihe igitegereje icyemezo cy'Inama Rusange ikurikira.

Ingingo ya 11 : Isubizwa ry'imigabane

Buri munyamuryango usezeye cyangwa wirukanwe afite uburenganzira bwo gusubizwa, mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2), imigabane ye havuyemo igihombo cyabonetse ku mari y'ishingiro n'imyenda afitiye koperative kimwe n'uruhare rwe mu myenda n'inguzanyo byafashwe na koperative atarayivamo. Ahabwa kandi n'inyungu ku migabane ye igihe cyose atarayisubizwa. Abona kandi uruhare ku bwasisi bwabonetse muri koperative uwo mwaka.

Ingingo ya 12 : Izungurwa ry'umunyamuryango

Iyo umunyamuryango apfuye, abamuzunguye bashobora kwandikira Inama Rusange, babinyujije ku Nama y'Ubutegetsi, basaba ko umwe muri bo yemerwa mu muryango mu kigwi cy'uwapfuye. Ibivugwa ku ngingo ya 11 y'amategeko, bireba n'uwazunguye umunyamuryango wapfuye.

Ingingo ya 13 : Abisunze koperative

Igihe bitanyuranyije n'aya mategeko, Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemera ko koperative ikorana n'abatayirimo. Abo ntibashobora kugira uruhare mu butegetsi bwa koperative cyangwa ku bwasisi bugenwa buri mwaka.

Ingingo ya 14 : Abakozi bahembwa

Koperative ishobora gukoresha abakozi bahembwa, ariko ikabashakira mbere na mbere mu banyamuryango bayo, hakurikijwe kandi amategeko agenga imirimo n'ubwiteganyirize bw'abakozi.

Ingingo ya 15 : Inyandiko zibikwa ku ntebe ya koperative

Inama y'Ubutegetsi, cyane cyane Umwanditsi wayo, niyo ishinze inyandiko zikurikira :

- Amategeko rusange n'ay'umwihariko bya koperative;
- Igitabo cyandikwamo ibyemezo by'Inama y'Ubutegetsi n'iby'Inama Rusange n'ikindi cyandikwamo raporo z'Inama y'Ubutegetsi.

Umucungamutungo wa koperative niwe ushinze kwandika mu gitabo cy'abanyamuryango, cyandikwamo :

- Izina rya koperative n'aho atuye, itariki y'iyemerwa, iy'isezera, iyo yirukaniweho cyangwa iy'igihe yapfiriye ;
- Imibare y'imigabane buri wese yishyuye ;
- Amafaranga yatanze cyangwa yakuwemo na buri munyamuryango.

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kumenya icyanditswe muri ibyo bitabo. Ubwo burenganzira busabwa umucungamutungo, ari nawe ubutanga.

INTERURO YA III : IMARI YA KOPERATIVE

Ingingo ya 16 : Imari y'ishingiro

Imari y'ishingiro ya Koperative igizwe n'imigabane buri munyamuryango yiyemeje gutanga kandi yarishye.

Iyo migabane yandikwa ku izina bwite ry'uyishyuye, ntigabanywa, keretse byemejwe n'Inama Rusange y'abagize koperative.

Ingingo ya 17 : Uko imari y'umuryango iteye

Imari y'ishingiro ya koperative igizwe n'amafaranga miliyoni imwe n'ibihumbi mirongo irindwi n'umunani (1.078.000 Frw). Umugabane wemejwe ni amafaranga igihumbi (1.000 Frw). Imigabane y'umunyamuryango atanga, igaragazwa n'icyemezo ahabwa, no kuba yanditse mu gitabo cy'abanyamuryango. Imigabane ishobora gutangwa mu bintu cyangwa mu mafaranga.

Ingingo ya 18 : Iyongerwa n'igabanya ry'imari y'ishingiro

Imari y'ishingiro ishobora kongerwa n'imigabane mishya. Ishobora kugabanuka bitewe no guhomba, cyangwa kwishyura imyenda. Imari y'ishingiro ntishobora kugabanukaho ibirenze kimwe cya kabiri (1/2), bitewe no gusubiza abanyamuryango bavuyemo imigabane yabo. Mu gihe koperative izaba yarahawe inguzanyo n'ikigo cya Leta cyangwa cyigenga, imari y'ishingiro ntizashobora kugabanywa n'isubizwa ry'imigabane igihe inguzanyo itarishyurwa yose. Keretse byemejwe na Minisitiri ushinze za koperative kandi n'uwishyuzwa akabyemeza mu nyandiko.

INTERURO YA IV : IBYEREKEYE INZEGO N'UBUBASHA BWAZO

Icyiciro cya mbere : Ibverekeve Inama Rusange

Ingingo ya 19 :

Inama Rusange igizwe n'abahagarariye abanyamuryango mu Mirenge. Inama Rusange nirwo rwego rukuru rwa koperative. Izindi zose zihabwa ububasha nayo.

Inama Rusange ya Koperative ibanzirizwa n'Inama Rusange mu Mirenge y'abanyamuryango.

Ingingo ya 20 : Ububasha bw'Inama Rusange

Inama Rusange isanzwe iterana kabiri mu mwaka itumiwe na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi.

Iya mbere iterana muri Werurwe, cyane cyane kugira ngo :

- imenyeshwe ibyakoze na koperative umwaka ushize ;
- isuzume kandi yemeze imibaruro y'umutungo ;
- ishyireho, niba bishoboka, ikigero cy'inyungu ku misanzu mu buryo buteganywa n'itegeko ;
- yemeze ubwasisi bugomba gutangwa n'uko bwatangwa ;
- itore abagize Inama y'Ubutegetsi n'iy'Ubugenzuzi.

Inama ya kabiri iterana mu Gushyamba kugira ngo :

- itegure ibizakorwa mu gihe kiri imbere ;
- ishyireho ingengo y'imari ;
- yemere abanyamuryango bashya ;
- isuzume ikindi kibazo cyose giteganyijwe kwigwa uwo muni.

Ingingo ya 21 : Itumizwa ry'Inama Rusange

Inama Rusange ihamagazwa hasigaye nibura iminsi makumyabiri (20 jours) kugira ngo inama ibe ; urwandiko ruyitumiza rwohererezwa buri munyamuryango cyangwa bagakoresha ubundi buryo bwose butuma bimenyekana bihagije. Itumiza rigomba kugaragaza ibiri ku murongo w'ibygwa, itariki n'aho inama izabera, Umuyobozi w'Akarere w'aho koperative ikorera arabimenyeshwa.

Ingingo ya 22 : Ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo umubare w'abanyamuryango bahari n'abahagarariye abandi utarenze ½ cy'abanyamuryango bose. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, Inama Rusange ihamagarwa bwa kabiri mu minsi munani mu buryo bumwe nk'ya mbere.

Yiga ibyari bisanzwe biteganyijwe kandi igafata ibyemezo ku buryo bwemewe, uko abahari n'abahagarariwe baba bangana kose. Ibyemezo bifatwa hakurikijwe umubare w'amajwi arenga ½ cy'abanyamuryango bahari n'abahagarariwe. Buri munyamuryango agira ijwi rimwe mu itora.

Ibyavuzwe mu Nama Rusange bigaragazwa n'inyandiko-mvugo yanditse mu gitabo kibigenewe kandi igashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi.

Ingingo ya 23 : Inama Rusange idasanzwe

Inama Rusange idasanzwe ishobora guterana itumiwe n'Inama y'Ubutegetsi cyangwa iy'Ubugenzuzi, iyo bisabwe n'icya gatatu cy'abagize koperative cyangwa na Minitiri ushinze amakoperative. Isuzuma ivugururwa ry'amategeko agenga koperative ikaniga ikibazo cyose gikomeye kandi cyihutirwa.

Ingingo ya 24 : Ihamagazwa n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange idasanzwe ihamagazwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15 jours) kugira ngo iterane. Ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo abanyamuryango bahari n'abahagarariwe batageze kuri bibiri bya gatatu by'abanyamuryango bose. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu minsi umunani (8 jours). Ifata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abahari n'abahagarariye abandi baba bangana kose. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abahari n'abahagarariwe. Buri munyamuryango ashobora guhagararira undi munyamuryango umwe.

Iciviro cya 2 : Ibyerekeye Inama y'Ubutegetsi

Ingingo ya 25 : Uko iteye

Koperative iyoborwa n'Inama y'Ubutegetsi igizwe n'abanyamuryango 7. Batorwa igihe cy'imyaka itatu kandi bashobora kongera gutorwa. Abajyanama bitoramo, buri mwaka Perezida, Umusimbura we n'Umwanditsi kandi bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 26 :

Kugira ngo umuntu ashobore gutorerwa kuba mu Nama y'Ubutegetsi bwa koperative agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

- Kuba adakora umurimo ahemberwa muri iyo koperative;
- Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze amezi atandatu mu myaka itanu ishize kubera kuba yarakoze icyaha kidakomeye cyateganyijwe n'igitabo cy'amategeko ahana;
- Kuba adakora umurimo ubangamiye koperative, urwego ruto, urwisumbuye cyangwa urwego runini rw'amakoperative ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, yaba abikora rimwe na rimwe cyangwa igihe cyose. Igihe hari impaka zerekeye ibivugwa kuri n°3, Minitiri ushinze amakoperative afite ububasha bwo gutanga uruhushya iyo ari ngombwa kugira ngo koperative itunganye imirimo yayo.

Ingingo ya 27 : Iterana ry’Inama y’Ubutegets

Perezida cyangwa Umusimbura we nibo baturira Inama y’Ubutegets mu gihe cyose bibaye ngombwa kandi igaterana nibura rimwe mu mezi atatu. Ishobora na none guterana iyo Minisitiri ushinze za koperative abitegetse, iyo abagenzuzi b’imari cyangwa 1/3 cy’abanyamuryango babisabye.

Ingingo ya 28 : Gufata ibyemezo

Kugira ngo ibiyivugiwemo byemerwe, Inama y’Ubutegets igomba kuba iteraniwemo na bibiri bya gatatu by’abayigize, ibyemezo bifatwa bakurikije ubwinshi bw’amajwi y’abahari. Iyo amajwi angana, ku nshuro ya kabiri, ikibazo batumvikanaho gisuzumwa mu Nama y’Ubutegets ikurikira, kitakemurwa muri iyo nama, kigashyikirizwa Inama Rusange idasanzwe. Ibyavugiwe mu nama bigaragazwa n’inyandiko-mvugo yanditse mu gitabo cyabigenewe kandi bigashyirwaho umukono n’abajyanama bose bayijemo.

Ingingo ya 29 : Ububasha bw’Inama y’Ubutegets

Uretse ububasha bweguriwe Inama Rusange, Inama y’Ubutegets ifite ububasha burambuye mu byerekeye ubuyobozi n’imicungire y’imari ya koperative. Inama y’Ubutegets ishobora guha umwe cyangwa benshi mu bayigize, bumwe mu bubasha bwayo cyangwa ikabaha ububasha bwo kurangiza imwe mu mirimo yayo.

Ingingo ya 30 :

Abagize Inama y’Ubutegets baryozwa amakosa baba barakoze buri muntu ku giti cye cyangwa bafatanyije, igihe bakoraga imirimo bashinzwe.

Ingingo ya 31 : Umushahara w’abajyanama

Imirimo y’ubujyanama ntihemberwa. Gusa, bashobora gusubizwa amafaranga yose batanze baza mu nama, mu buryo buteganywa n’amategeko y’umwihariko ya koperative.

Iciviro ya 3 : Ibyerekeye Inama y’Ubugenzuzi

Ingingo ya 32 : Ishyirwaho ry’Inama y’Ubugenzuzi

Buri mwaka, Inama Rusange ishira Inama y’Ubugenzuzi igizwe nibura n’abantu babiri, b’abanyamuryango cyangwa batari bo, bashinzwe kugenzura imirimo yose ya koperative. Bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 33 : Ububasha bw’Inama y’Ubugenzuzi

Inama y’Ubugenzuzi ishinze kugenzura ibitabo, isanduku n’ibyo koperative itunze itabikuye aho biri, kugenzura ibarura-mutungo, imbonerahamwe z’umutungo no kureba ko inyandiko zerekana imicungire y’imari ya buri muni ari zo.

Inama y’Ubugenzuzi, igihe ishakiye cyose, ariko itivanze mu micungire ya buri muni ya koperative, ishobora gusuzuma cyangwa kugenzura ibyo ibona ko ari ngombwa :

Inama y’Ubutegets ishinze kandi:

- Kugenzura niba ibyemezo by’Inama Rusange n’iby’Inama y’Ubutegets byubahirizwa;
- Ikareba kandi niba amategeko agenga koperative n’ay’umwihariko akurikizwa. Abagize Inama y’Ubugenzuzi bashobora guhabwa igihembo gishyirwaho n’Inama Rusange.

Ingingo ya 34 :

Abadashobora gutorerwa kuba mu bagize Inama y’Ubugenzuzi bwa koperative ni :

- Abagize Inama y’Ubutegets, abo bashyingiranywe kimwe n’abo bafitanye isano kugeza ku rwego rwa mbere ;
- Abantu bahembwa ku buryo ubwo aribwo bwose na koperative, n’abagize Inama y’Ubutegets, cyangwa n’abacungamutungo ba koperative ndetse n’abashyingiranywe nabo bantu bahembwa.

Iyo hagize umwe muri iyo miziro yateganyijwe ugaragara kandi Umugenzuzi yaratangiye imirimo, ategetswe kwegura ako kanya kandi akabimenyesha Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi mu minsi itarenga cumi n'itanu umuziro umenyekanye.

Icyiciro cya 4 : Ibyerekeye icungamutungo

Ingingo ya 35 : Ishyirwaho ry'umucungamutungo

Inama Rusange niyo ishyiraho umwe cyangwa benshi mu banyamuryango cyangwa bataribo, bashinzwe gucunga koperative buri muni bayoborwa n'Inama y'Ubutegetsi. Mbere yo gutangira akazi, hagomba kuba amasezerano y'umurimo yanditswe n'Inama y'Ubutegetsi, nk'uko itegeko ryo kuwa 28/02/1967 rigenga imirimo mu Rwanda ribivuga.

Ingingo ya 36 :

Umucungamutungo abujijwe gukora ku buryo butaziguye cyangwa buziguye imirimo ibangamiye koperative.

INTERURO YA V : IBYEREKEYE IMARI

Ingingo ya 37 : Umwaka w'ibonezamutungo

Igihe-fatizo cy'ibonezamutungo gitangira kuwa mbere Mutarama kitarangira kuwa 31 Ukuboza kwa buri mwaka, uretse ko mu mwaka wa mbere, icyo gihe gitangirana n'umunsi koperative yatagiriye imirimo yayo.

Ingingo ya 38 : Inyandiko zisoza umwaka

Inama y'Ubutegetsi ikora izi nyandiko zikurikira kugira ngo zizasuzumwe n'Inama Rusange isanzwe.

- Ibarura ry'ibyinjiye n'ibyasohotse;
- Imikoreshereze y'imari;
- Imbonerahamwe y'umutungo;
- Raporo y'ibyakozwe muri uwo mwaka;
- Gahunda y'ibigomba gukorwa mu mwaka ukurikira.

Ingingo ya 39 : Igabanywa ry'inyungu

Amafaranga y'inyungu abonetse buri mwaka, havanywemo ayatanzwe ku bikorwa rusange n'andi yose koperative yakoresheje, agabanywa ku buryo bukurikira :

- 20 ku ijana azigamirwa koperative nk'uko amategeko abivuga ;
- 10 ku ijana ashirwa mu isanduku igoboka amakoperative ;
- 70 ku ijana asigaye, Inama Rusange igena uko azakoreshwa.

Amafaranga azigamwa ni umutungo rusange udashobora kugabanywa abanyamuryango.

Ntashobora gushyirwa mu mutungo w'ishingiro cyangwa kongera imigabane, kuzigamira koperative bireka kuba itegeko, igihe umubare w'amafaranga yabitswe ungana n'imari y'ishingiro ya koperative. Koperative iramutse isheshwe, Inama Rusange izemeza icyo yakoresheje.

Ingingo ya 40 : Inyungu y'imigabane

Imigabane ya buri muntu ishobora kubona urwunguko rutarenza atandatu ku ijana (6%). Iyo nyungu ishyirwaho n'Inama Rusange, itangwa gusa iyo hagize amafaranga asaguka muri uwo mwaka.

Ingingo ya 41 : Ubwasisi

Ubwasisi butangwa bakurikije ibyo buri munyamuryango yakoranye na koperative. Iyo koperative yahombye, nta bwasisi bushobora gutangwa igihe cyose inyungu y'imyaka ikurikira itaraziba icyuho cy'ibyo bihombi.

INTERURO YA VI : ISESWA RYA KOPERATIVE, IYEGERANYA RY'UMUTUNGO

Ingingo ya 42 : Iseswa n'ivanwaho rya koperative

Iseswa n'ivanwaho ry'umuryango bikorwa hakurikijwe itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12/10/1988 ritunganya amakoperative.

Ingingo ya 43 : Iyegeranywa ry'umutungo

Iyo koperative isheshwe, umutungo wose uregeranywa ukagabanywa abanyamuryango cyangwa ugahabwa indi koperative bihwanyije imirimo.

INTERURO YA VII : AMATEGEKO ASOZA

Ingingo ya 44 : Ikemurwa ry'impaka

Impaka zoze zishobora kuvuka mu banyamuryango, zishyikirizwa Inama y'Ubutegetsi n'Inama Rusange kugira ngo zibanze zizige kandi zishake uko zazirangiza bya kivandimwe mbere yo gushyikirizwa inkiko.

Ingingo ya 45 : Itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative

Ibidateganyijwe muri aya mategeko bigomba gushyirwa mu itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative, ritegurwa n'Inama y'Ubutegetsi, mbere yo kwemezwa n'Inama Rusange.

ITEKA RYA MINISITIRI N° 027/15.00/2004/COOP RYO KUWA 13/07/2004 RIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « INGASHYA ».

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 ritunganya amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Amaze kubona ibaruwa yo kuwa 18/11/2003 yanditswe na Madamu MUKESHA Béatrice, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Koperative « INGASHYA », ifite intebe yayo mu Karere ka Bicumbi, Intara ya Kigali-Ngari;

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri cyo kuwa 25/02/2004 ;

ATEGETSE:

Ingingo va mbere :

Koperative “INGASHYA” ifite intebe yayo mu Karere ka Bicumbi, Intara ya Kigali Ngari, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo va 2 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 13/07/2004.

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

AMATEGEKO AGENGA KOPERATIVE « INGASHYA »

INTERURO YA MBERE : IREMWA RY'UMURYANGO.

Ingingo ya mbere : Ishingwa ry'umuryango

Abashyize umukono kuri aya mategeko n'abandi bazayemera, bashinze Koperative "INGASHYA" igengwa n'amategeko ariho mu gihugu, cyane cyane, itegeko ryo kuwa 12 Ukwakira 1988, ritunganya amakoperative.

Ingingo ya 2 : Izina ry'umuryango

Koperative imaze kuremwa yiswe "INGASHYA"

Ingingo ya 3 : Intebe ya Koperative

Intebe ya Koperative ishinze ku Karere ka Bicumbi, Intara ya Kigali-Ngali, ariko ishobora kwimukira ahariho hose mu Rwanda byemejwe n'Inama Rusange y'abanyamuryango.

Ingingo ya 4 : Imbibi z'aho koperative ikorera

Imbibi za Koperative zigizwe n'Intara ya Kigali Ngali.

Ingingo ya 5 : Intego ya Koperative

Icyo Koperative iharanira ni ukubitsa no kugurizanya; kugira ngo abanyamuryango babashe guhangana n'ibibazo by'ubuzima mu mibereho yabo ya buri muni. Ishobora gukora indi mirimo yose ihuje n'iyi ntego.

Ingingo ya 6 : Igihe Koperative izamara

Koperative imaze gushingwa izamara igihe cy'imyaka mirongo itatu (30) kuva ikimara kubona ubuzimagatozi, keretse icyo gihe cyungururwe cyangwa kigaseswa igihe kitaragera.

INTERURO YA II : ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 7 : Iyemerwa ry'abanyamuryango

Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango agomba :

- kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani y'amavuko;
- kugaragaza ko afite inyungu mu karere iyo Koperative ikoreramo;
- kudakora imirimo ibangamiye iya koperative;
- kuba yarishyuye imigabane ye yose mu mari y'ishingiro ya koperative nk'uko biteganywa n'ingingo ya 17 y'ayo mategeko;
- kwiyemeza kunyuzwa muri koperative ibikorwa byose cyangwa igice cyabyo biteganyijwe mu ngingo ya gatanu y'aya mategeko ivuga intego y'umuryango;
- kwemerwa n'Inama Rusange ya koperative binyujijwe ku Nama y'Ubutegetsi.

Ingingo ya 8 : Kureka kuba umunyamuryango

Umuntu areka kuba umunyamuryango wa koperative bitewe n'urupfu, ukwegura cyangwa ukwirukanwa.

Ingingo ya 9 : Kwikura muri koperative

Ushaka kwegura muri koperative, yandikira Inama y'Ubutegetsi ikamuha icyemezo kivuga ko ibonye urwo rwandiko. Hanyuma iraterana ikamusubiza mu buryo bwanditse mu gihe kitarenze amezi atandatu. icyo gihe nigishira ntacyo Inama y'Ubutegetsi imushubije ; uwasabye kuvamo yigendera nta nkomyi.

Ingingo ya 10 : Iyirukanwa

Bisabwe na buri wese ubifitemo inyungu, buri munyamuryango ashobora kwirukanwa iyo awangiriza cyangwa adakora ibyo yiyemeje, adakurikiza amategeko ya koperative n'ibyemezo byafashwe n'inzego z'ayo.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango, gifatwa n'inama rusange ku bwiganze bwa $\frac{3}{4}$ by'amajwi y'abahari.

Icyakora, mu gihe byihutirwa, Inama y'Ubutegetsi ishobora guhagarika umunyamuryango mu gihe igitegereje icyemezo cy'Inama Rusange ikurikira.

Ingingo ya 11 : Isubizwa ry'imigabane

Buri munyamuryango usezeye cyangwa wirukanwe afite uburenganzira bwo gusubizwa, mu gihe kitarenze imyaka ibiri, imigabane ye havuyemo igihombo cyabonetse ku mari y'ishingiro n'imyenda afitiye koperative kimwe n'uruhare rwe mu myenda n'inguzanyo byafashwe na koperative atarayivamo. Ahabwa kandi n'inyungu ku migabane ye igihe cyose atarayisubizwa.

Abona kandi uruhare ku bwasisi bwabonetse muri koperative uwo mwaka.

Ingingo ya 12 : Izungurwa ry'umunyamuryango

Iyo umunyamuryango apfuye, abamuzunguye bashobora kwandikira Inama Rusange, babinyujije ku Nama y'Ubutegetsi, basaba ko umwe muri bo yemerwa mu muryango mu kigwi cy'uwapfuye.

Ibivugwa ku ngingo ya 11 y'amategeko bireba n'uwazunguye umunyamuryango wapfuye.

Ingingo ya 13 : Abisunze koperative

Igihe bitanyuranyije n'aya mategeko, Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemera ko koperative ikorana n'abatayirimo.

Abo ntibashobora kugira uruhare mu butegetsi bwa koperative cyangwa ku bwasisi bugenwa buri mwaka.

Ingingo ya 14 : Abakozi bahembwa

Koperative ishobora gukoresha abakozi bahembwa, ariko ikabashakira mbere na mbere mu banyamuryango bayo, hakurikijwe kandi amategeko agenga imirimo n'ubwitanyirize bw'abakozi.

Ingingo ya 15 : Inyandiko zibikwa ku ntebe ya koperative

Inama y'Ubutegetsi, cyane cyane Umwanditsi wayo, niyo ishinze inyandiko zikurikira :

- Amategeko rusange n'ay'umwihariko bya koperative;
- Igitabo cyandikwamo ibyemezo by'Inama y'Ubutegetsi n'iby'Inama Rusange n'ikindi cyandikwamo raporo z'Inama y'Ubutegetsi.

Umucungamutungo wa koperative niwe ushinze kwandika mu gitabo cy'abanyamuryango, cyandikwamo :

- Izina rya koperative n'aho atuye, itariki y'iyemerwa, iy'isezera, iyo yirukaniweho cyangwa iy'igihe yapfiriye ;
- Umubare w'imigabane buri wese yishyuye ;
- Amafaranga yatanze cyangwa yakuwemo na buri munyamuryango

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kumenya icyanditswe muri ibyo bitabo. Ubwo burenganzira busabwa umucungamutungo, ari nawe ubutanga.

INTERURO YA III : IMARI Y'UMURYANGO

Ingingo va 16 : Imari y'ishingiro

Imari y'ishingiro y'Umuryango igizwe n'imigabane buri munyamuryango yiyemeje gutanga kandi yarishye.

Iyo migabane yandikwa ku izina bwite ry'uyishyuye, ntigabanywa, keretse byemejwe n'Inama Rusange y'abagize koperative.

Ingingo va 17 : Uko imari y'umuryango iteye

Imari y'ishingiro ya koperative igizwe n'amafaranga miliyoni cumi n'ebyiri n'ibihumbi magana atanu (12.500.000 Frw). Umugabane wemejwe ni amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000 Frw). Buri munyamuryango agomba kwemera gutanga umugabane uhwanyeye n'amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000 Frw).

Imigabane buri munyamuryango atanga igaragazwa n'icyemezo ahabwa, no kuba yanditse mu gitabo cy'abanyamuryango.

Imigabane ishobora gutangwa mu bintu cyangwa mu mafaranga.

Ingingo va 18 : Ivyongerwa n'igabanya ry'imari y'ishingiro

Imari y'ishingiro ishobora kongerwa n'imigabane mishya. Ishobora kugabanyuka bitewe no guhomba, cyangwa kwishyura imyenda.

Imari y'ishingiro ntishobora kugabanukaho ibirenze kimwe cya kabiri (1/2) bitewe no gusubiza abanyamuryango bavuyemo imigabane yabo.

Mu gihe koperative izaba yarahawe inguzanyo n'ikigo cya Leta cyangwa cyigenga, imari y'ishingiro ntizashobora kugabanywa n'isubizwa ry'imigabane igihe inguzanyo itarishyurwa yose.

Keretse byemejwe na Minisitiri ushinze za koperative kandi n'uwishyura akabyemeza mu nyandiko.

UMUTWE WA IV : IBYEREKEYE INZEGO N'UBUBASHA BWAZO

Icyiciro cya mbere : Ivyerekeve Inama Rusange

Ingingo va 19 :

Inama Rusange igizwe n'abanyamuryango bose.

Inama Rusange nirwo rwego rukuru rwa koperative. Izindi nzego zose zihabwa ububasha nayo.

Ingingo va 20 : Ububasha bw'Inama Rusange

Inama Rusange isanzwe iterana kabiri mu mwaka itumiwe na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi.

Iya mbere iterana muri Gashyantare, cyane cyane kugira ngo :

- imenyeshwe ibyakozwe na koperative umwaka ushize ;
- isuzume kandi yemeze imibaruro y'umutungo ;
- ishyireho, niba bishoboka, ikigero cy'inyungu ku misanzu mu buryo buteganywa n'itegeko ;
- yemeze ubwasisi bugomba gutangwa n'uko bwatangwa ;
- itore abagize Inama y'Ubutegetsi n'iy'Ubugenzuzi.

Inama ya kabiri iterana muri Mata kugira ngo :

- itegure ibizakorwa mu gihe kiri imbere ;
- ishyireho ingengo y'imari ;
- yemere abanyamuryango bashya ;
- isuzume ikindi kibazo cyose giteganyijwe kwigwa uwo munsu.

Ingingo ya 21 : Itumizwa ry'Inama Rusange

Inama Rusange ihamagazwa hasigaye nibura iminsi makumyabiri kugira ngo inama ibe ; urwandiko ruyitumiza rwohererezwa buri munyamuryango cyangwa bagakoresha ubundi buryo bwose butuma bimenyekana bihagije.

Itumiza rigomba kugaragaza ibiri ku murongo w'ibygwa, itariki n'aho inama izabera ;

Umuyobozi w'Akarere w'aho koperative ikorera arabimenyeshwa.

Ingingo ya 22 : Ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo umubare w'abanyamuryango bahari n'abahagarariye abandi utarenze ½ cy'abanyamuryango bose.

Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, Inama Rusange ihamagarwa bwa kabiri mu minsi munani mu buryo bumwe nk'ya mbere.

Yiga ibyari bisanzwe biteganyijwe kandi igafata ibyemezo ku buryo bwemewe, uko abahari n'abahagarariwe baba bangana kose.

Ibyemezo bifatwa hakurikijwe umubare w'amajwi arenga ½ cy'abanyamuryango bahari n'abahagarariwe. Buri munyamuryango agira ijwi rimwe mu itora.

Ibyavuzwe mu Nama Rusange bigaragazwa n'inyandiko-mvugo yanditse mu gitabo kibigenewe kandi igashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi.

Ingingo ya 23 : Inama Rusange idasanzwe

Inama Rusange idasanzwe ishobora guterana itumiwe n'Inama y'Ubutegetsi cyangwa iy'Ubugenzuzi, iyo bisabwe n'icya gatatu cy'abagize koperative cyangwa na Minisitiri ushinze amakoperative.

Isuzuma ivugururwa ry'amategeko agenga koperative ikaniga ikibazo cyose gikomeye kandi cyihutirwa.

Ingingo ya 24 : Ihamagazwa n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange idasanzwe ihamagazwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu kugira ngo iterane.

Ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo abanyamuryango bahari n'abahagarariwe batageze kuri bibiri bya gatatu by'abanyamuryango bose. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu minsi umunani. Ifata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abahari n'abahagarariye abandi baba bangana kose.

Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abahari n'abahagarariwe.

Buri munyamuryango ashobora guhagararira undi munyamuryango umwe.

Iviciro cya 2 : Ibyerekeye Inama y'Ubutegetsi

Ingingo ya 25 : Uko iteye

Koperative iyoborwa n'Inama y'Ubutegetsi igizwe n'abanyamuryango 7. Batorwa igihe cy'imyaka itatu kandi bashobora kongera gutorwa.

Abajyanama bitoramo, buri mwaka, Perezida, Umusimbura we n'Umwanditsi kandi bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 26 :

Kugira ngo umuntu ashobore gutorerwa kuba mu Nama y'Ubutegetsi bwa koperative agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

- Kuba adakora umurimo ahemberwa muri iyo koperative;
- Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze amezi atandatu mu myaka itanu ishize kubera kuba yarakoze icyaha kidakomeye cyateganyijwe n'igitabo cy'amategeko ahana;
- Kuba adakora umurimo ubangamiye koperative, urwego ruto, urwisumbuye cyangwa urwego runini rw'amakoperative ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, yaba abikora rimwe na rimwe cyangwa igihe cyose.

Igihe hari impaka zerekeye ibivugwa kuri n°3, Ministiri ushinzwe amakoperative afite ububasha bwo gutanga uruhushya iyo ari ngombwa kugira ngo koperative itunganye imirimo yayo.

Ingingo ya 27 : Iterana ry'Inama y'Ubutegetsi

Perezida cyangwa Umusimbura we nibo batumira Inama y'Ubutegetsi mu gihe cyose bibaye ngombwa kandi igaterana nibura rimwe mu mezi atatu.

Ishobora na none guterana iyo Minisitiri ushinzwe za koperative abitegetse, iyo Abagenzuzi b'imari cyangwa kimwe cya gatatu cy'abanyamuryango babisabye.

Ingingo ya 28 : Gufata ibyemezo

Kugira ngo ibiyivugiwemo byemerwe, Inama y'Ubutegetsi igomba kuba iteraniwemo na bibiri bya gatatu by'abayigize.

Ibyemezo bifatwa bakurikije ubwinshi bw'amajwi y'abahari. Iyo amajwi angana, ku nshuro ya kabiri, ikibazo batumvikanaho gisuzumwa mu Nama y'Ubutegetsi ikurikira, kitakemurwa muri iyo nama, kigashyikirizwa Inama Rusange idasanze.

Ibyavugiwe mu nama bigaragazwa n'inyandiko-mvugo yanditse mu gitabo cyabigenewe kandi bigashyirwaho umukono n'abajyanama bose bayijemo.

Ingingo ya 29 : Ububasha bw'Inama y'Ubutegetsi

Uretse ububasha bweguriwe Inama Rusange, Inama y'Ubutegetsi ifite ububasha burambuye mu byerekeye ubuyobozi n'imicungire y'imari ya koperative.

Inama y'Ubutegetsi ishobora guha umwe cyangwa benshi mu bayigize, bumwe mu bubasha bwayo cyangwa ikabaha ububasha bwo kurangiza imwe mu mirimo yayo.

Ingingo ya 30 :

Abagize Inama y'Ubutegetsi baryozwa amakosa baba barakoze buri muntu ku giti cye cyangwa bafatanyije, igihe bakoraga imirimo bashinzwe.

Ingingo ya 31 : Umushahara w'abajyanama

Imirimo y'ubujyanama ntihemberwa.

Gusa, bashobora gusubizwa amafaranga yose batanze baza mu nama, mu buryo buteganywa n'amategeko y'umwihariko ya koperative.

Icyiciro ya 3 : Ibyerekeye Inama y'Ubugenzuzi

Ingingo ya 32 : Ishyirwaho ry'Inama y'Ubugenzuzi

Buri mwaka, Inama Rusange ishyiraho Inama y'Ubugenzuzi igizwe nibura n'abantu babiri, b'abanyamuryango cyangwa batari bo, bashinzwe kugenzura imirimo yose ya koperative.

Bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 33 : Ububasha bw'Inama y'Ubugenzuzi

Inama y'Ubugenzuzi ishinze kugenzura ibitabo, isanduku n'ibyo koperative itunze itabikuye aho biri, kugenzura ibarura-mutungo, imbonerahamwe z'umutungo no kureba ko inyandiko zerekana imicungire y'imari ya buri muni ari zo.

Inama y'Ubugenzuzi, igihe ishakiye cyose, ariko itivanze mu micungire ya buri muni ya koperative, ishobora gusuzuma cyangwa kugenzura ibyo ibona ko ari ngombwa :

- kugenzura niba ibyemezo by'Inama Rusange n'iby'Inama y'Ubutegetsi byubahirizwa;
- kureba niba amategeko agenga koperative n'ay'umwihariko akurikizwa.

Inama y'ubugenzuzi ishinze no :

- kugenzura niba ibyemezo byafashwe n'Inama Rusange n'iy'ubutegetsi byubahirizwa,
- ikareba kandi niba amategeko agenga koperative n'ay'umwihariko yubahirizwa.

Abagize Inama y'Ubugenzuzi bashobora guhabwa igihembo gishyirwaho n'Inama Rusange

Ingingo ya 34 :

Abadashobora gutorerwa kuba mu bagize Inama y'Ubugenzuzi bwa koperative ni :

- Abagize Inama y'Ubutegetsi, abo bashyingiranywe kimwe n'abo bafitanye isano kugeza ku rwego rwa mbere ;
- Abantu bahembwa ku buryo ubwo aribwo bwose na koperative, n'abagize inama y'ubutegetsi, cyangwa n'abacungamutungo ba koperative ndetse n'abashyingiranywe n'abo bantu bahembwa.

Iyo hagize umwe muri iyo miziro yateganyijwe ugaragara kandi Umugenzuzi yaratangiye imirimo, ategetswe kwegura ako kanya kandi akabimenyesha Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi mu minsi itarenga cumi n'itanu umuziro umenyekanye.

Icyiciro cya 4 : Ibyerekeye icungamutungo

Ingingo ya 35 : Ishyirwaho ry'umucungamutungo

Inama Rusange niyo ishyiraho umwe cyangwa benshi mu banyamuryango cyangwa bataribo, bashinzwe gucunga koperative buri muni bayoborwa n'Inama y'Ubutegetsi.

Mbere yo gutangira akazi, hagomba kuba amasezerano y'umurimo yanditswe n'Inama y'Ubutegetsi, nk'uko itegeko ryo kuwa 01/03/2002 rigenga imirimo mu Rwanda ribivuga.

Ingingo ya 36 :

Umucungamutungo abujijwe gukora ku buryo butaziguye cyangwa buziguye imirimo ibangamiye koperative.

UMUTWE WA V : IBYEREKEYE IMARI

Ingingo ya 37 : Umwaka w'ibonezamutungo

Igihe-fatizo cy'ibonezamutungo gitangira kuwa mbere Mutarama kikarangira kuwa 31 Ukuboza kwa buri mwaka, uretse ko mu mwaka wa mbere, icyo gihe gitangirana n'umunsi koperative yatangiriyeho imirimo yayo.

Ingingo ya 38 : Inyandiko zisoza umwaka

Inama y'Ubutegetsi ikora izi nyandiko zikurikira kugira ngo zizasuzumwe n'Inama Rusange isanzwe:

- Ibarura ry'ibyinjiye n'ibyasohotse,
- Imikoreshereze y'imari,
- Imbonerahamwe y'umutungo,
- Raporo y'ibyakozwe muri uwo mwaka,
- Gahunda y'ibigomba gukorwa mu mwaka ukurikira.

Ingingo ya 39 : Igabanywa ry'inyungu

Amafaranga y'inyungu abonetse buri mwaka, havanywemo ayatanzwe ku bikorwa rusange n'andi yose koperative yakoresheje, agabanywa ku buryo bukurikira :

20 ku ijana azigamirwa koperative nk'uko amategeko abivuga ;
10 ku ijana ashirwa mu isanduku igoboka amakoperative ;
70 ku ijana asigaye, Inama Rusange igena uko azakoreshwa.

Amafaranga azigamwa ni umutungo rusange udashobora kugabanywa abanyamuryango.

Ntashobora gushyirwa mu mutungo w'ishingiro cyangwa kongera imigabane.

Kuzigamira koperative bireka kuba itegeko, igihe umubare w'amafaranga yabitswe ungana n'imari y'ishingiro ya koperative.

Koperative iramutse isheshwe, Inama Rusange izemeza icyo yakoreshwa.

Ingingo ya 40 : Inyungu y'imigabane

Imigabane ya buri muntu ishobora kubona urwunguko rutarenza atandatu ku ijana.

Iyo nyungu ishyirwaho n'Inama Rusange, itangwa gusa iyo hagize amafaranga asaguka muri uwo mwaka.

Ingingo ya 41 : Ubwasisi

Ubwasisi butangwa bakurikije ibyo buri munyamuryango yakoranye na koperative.

Iyo koperative yahombye, nta bwasisi bushobora gutangwa igihe cyose inyungu y'imyaka ikurikira itaraziba icyuho cy'ibyo bihombo.

UMUTWE WA VI : ISESWA RYA KOPERATIVE, IYEGERANYA RY'UMUTUNGO

Ingingo ya 42 : Iseswa n'ivanwaho rya koperative

Iseswa n'ivanwaho ry'umuryango bikorwa hakurikijwe itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12/10/1988 ritunganya amakoperative.

Ingingo ya 43 : Iyegeanywa ry'umutungo

Iyo koperative isheshwe, umutungo wose uregeranywa ukagabanywa abanyamuryango cyangwa ugahabwa indi koperative bihanyijwe imirimo.

UMUTWE WA VII : AMATEGEKO ASOZA

Ingingo ya 44 : Ikemurwa ry'impaka

Impaka zoze zishobora kuvuka mu banyamuryango, zishyikirizwa Inama y'Ubutegetsi n'Inama Rusange kugira ngo zibanze zizige kandi zishake uko zazirangiza bya kivandimwe mbere yo gushyikirizwa inkiko.

Ingingo ya 45 : Itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative

Ibidateganyijwe muri aya mategeko bigomba gushyirwa mu itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative, ritegurwa n'Inama y'Ubutegetsi, mbere yo kwemezwa n'Inama Rusange.

ITEKA RYA MINISITIRI N° 028/15.00/2004/COOP RYO KUWA 13/07/2004 RIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « COIMU » (COOPERATIVE IBUKWA MUHINZI).

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 ritunganya amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Amaze kubona ibaruwa yo kuwa 31/08/2003 yanditswe na Bwana NGARAMBE Jonas, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Koperative « COIMU » (Coopérative Ibukwa Muhinzi), ifite intebe yayo mu Karere ka Mutura, Intara ya Gisenyi;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

Koperative “COIMU” (Coopérative Ibukwa Muhinzi) ifite intebe yayo mu Karere ka Mutura, Intara ya Gisenyi, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 13/07/2004

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

**AMATEGEKO AGENGA KOPERATIVE COIMU
(COOPERATIVE IBUKWA MUHINZI)**

INTERURO YA MBERE : IREMWA RY'UMURYANGO.

Ingingo va mbere : Ishingwa ry'umuryango

Abashyize umukono kuri aya mategeko n'abandi bazayemera, bashinze Koperative "COIMU" (Coopérative Ibukwa Muhinzi) igengwa n'amategeko ariho mu gihugu, cyane cyane, itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988, ritunganya amakoperative.

Ingingo va 2 : Izina ry'umuryango

Koperative imaze kuremwa yiswe „Coopérative Ibukwa Muhinzi“, mu magambo ahinnye „COIMU“.

Ingingo va 3 : Intebe ya Koperative

Intebe ya Koperative ishinze i Gakarara, mu Karere ka Mutura, Intara ya Gisenyi ariko ishobora kwimukira ahariho hose mu Rwanda byemejwe n'Inama Rusange y'abanyamuryango.

Ingingo va 4 : Imbibi z'aho koperative ikorera

Imbibi za Koperative zigizwe n'Intara ya Gisenyi, ariko ibikorwa biyifasha kugera ku ntego yayo byakorerwa no mu tundi turere rw'u Rwanda ndetse no hanze y'Igihugu.

Ingingo va 5 : Intego ya Koperative

Icyo Koperative iharanira ni uguhesha agaciro umusaruro w'umuhinzi w'ibirayi wo mu Ntara ya Gisenyi, imushakira amasoko ashimishije, ikamufasha no kubona inyongeramusaruro bitamurujije; kugira ngo abanyamuryango babashe guhangana n'ibibazo by'ubuzima mu mibereho yabo ya buri munsu. Ishobora gukora indi mirimo yose ihuje n'ayo ntego.

Ingingo va 6 : Igihe Koperative izamara

Koperative imaze gushingwa izamara igihe cy'imyaka mirongo itatu (30) kuva ikimara kubona ubuzimazatuzi, keretse icyo gihe cyungurujwe cyangwa kigaseswa igihe kitaragera.

INTERURO YA II : ABANYAMURYANGO

Ingingo va 7 : Ivemerwa ry'abanyamuryango

Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango agomba :

- kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani y'amavuko;
- kugaragaza ko afite inyungu mu karere iyo Koperative ikoreramo;
- kudakora imirimo ibangamiye iya Koperative;
- kuba yarishyuye imigabane ye yose mu mari y'ishingiro ya koperative nkuko biteganywa n'ingingo ya 17 y'ayo mategeko;
- kwiyemeza kunyuzwa muri koperative ibikorwa byose cyangwa igice cyabyo biteganyijwe mu ngingo ya gatanu y'aya mategeko ivuga intego y'umuryango;
- kwemerwa n'Inama Rusange ya koperative binyujijwe ku Nama y'Ubutegetsi.

Ingingo va 8 : Kureka kuba umunyamuryango

Umuntu areka kuba umunyamuryango wa koperative bitewe n'urupfu, ukwegura cyangwa ukwirukanwa.

Ingingo va 9 : Kwikura muri Koperative

Ushaka kwegura muri koperative, yandikira Inama y'Ubutegetsi ikamuha icyemezo kivuga ko ibonye urwo rwandiko. Hanyuma iraterana ikamusubiza mu buryo bwanditse mu gihe kitarenze amezi atandatu. Icyo gihe nigishira ntacyo Inama y'Ubutegetsi imushubije ; uwasabye kuvamo yigendera nta nkomyi.

Ingingo ya 10 : Iwirukanwa

Bisabwe na buri wese ubifitemo inyungu, buri munyamuryango ashobora kwirukanwa iyo awangiriza cyangwa adakora ibyo yiyemeje, adakurikiza amategeko ya koperative n'ibyemezo byafashwe n'inzego z'ayo.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango, gifatwa n'Inama Rusange ku bwiganze bwa $\frac{3}{4}$ by'amajwi y'abahari.

Icyakora, mu gihe byihutirwa, Inama y'Ubutegetsi ishobora guhagarika umunyamuryango mu gihe igitegereje icyemezo cy'Inama Rusange ikurikira.

Ingingo ya 11 : Isubizwa ry'imigabane

Buri munyamuryango usezeye cyangwa wirukanwe afite uburenganzira bwo gusubizwa, mu gihe kitarenze imyaka ibiri, imigabane ye havuyemo igihombo cyabonetse ku mari y'ishingiro n'imyenda afitiye koperative kimwe n'uruhare rwe mu myenda n'inguzanyo byafashwe na koperative atarayivamo. Ahabwa kandi n'inyungu ku migabane ye igihe cyose atarayisubizwa.

Abona kandi uruhare ku bwasisi bwabonetse muri koperative uwo mwaka.

Ingingo ya 12 : Izungurwa ry'umunyamuryango

Iyo umunyamuryango apfuye, abamuzunguye bashobora kwandikira Inama Rusange, babinyujije ku Nama y'Ubutegetsi, basaba ko umwe muri bo yemerwa mu muryango mu kigwi cy'uwapfuye.

Ibivugwa ku ngingo ya 11 y'amategeko bireba n'uwazunguye umunyamuryango wapfuye.

Ingingo ya 13 : Abisunze Koperative

Igihe bitanyuranyije n'aya mategeko, Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemera ko koperative ikorana n'abatayirimo.

Abo ntibashobora kugira uruhare mu butegetsi bwa Koperative cyangwa ku bwasisi bugenwa buri mwaka.

Ingingo ya 14 : Abakozi bahembwa

Koperative ishobora gukoresha abakozi bahembwa, ariko ikabashakira mbere na mbere mu banyamuryango bayo, hakurikijwe kandi amategeko agenga imirimo n'ubwiteganyirize bw'abakozi.

Ingingo ya 15 : Inyandiko zibikwa ku ntebe ya Koperative

Inama y'Ubutegetsi, cyane cyane umwanditsi wayo, niyo ishinze inyandiko zikurikira :

- Amategeko rusange n'ay'umwihariko bya koperative;
- Igitabo cyandikwamo ibyemezo by'Inama y'Ubutegetsi n'iby'Inama Rusange n'ikindi cyandikwamo raporo z'Inama y'Ubutegetsi.

Umucungamutungo wa Koperative niwe ushinze kwandika mu gitabo cy'abanyamuryango, cyandikwamo :

- Izina rya Koperative n'aho atuye, itariki y'yemerwa, iy'isezera, iyo yirukaniweho cyangwa iy'igihe yapfiriye ;
- Umubare w'imigabane buri wese yishyuye ;
- Amafaranga yatanze cyangwa yakuwemo na buri munyamuryango.

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kumenya icyanditswe muri ibyo bitabo. Ubwo burenganzira busabwa umucungamutungo, ari nawe ubutanga.

INTERURO YA III : IMARI Y'UMURYANGO

Ingingo ya 16 : Imari y'ishingiro

Imari y'ishingiro y'Umuryango igizwe n'imigabane buri munyamuryango yiyemeje gutanga kandi yarishye.

Iyo migabane yandikwa ku izina bwite ry'uyishyuye, ntigabanywa, keretse byemejwe n'Inama Rusange y'abagize Koperative.

Ingingo ya 17 : Uko imari y'umuryango iteye

Imari y'ishingiro ya koperative igizwe n'amafaranga miliyoni eshatu n'ibihumbi magana ane (3.400.000 Frw). Umugabane wemejwe ni amafaranga ibihumbi cumi (10.000 Frw). Buri munyamuryango agomba kwemera gutanga umugabane uhwanyane n'amafaranga ibihumbi cumi (10.000 Frw).

Imigabane buri munyamuryango atanga igaragazwa n'icyemezo ahabwa no kuba yanditse mu gitabo cy'abanyamuryango.

Imigabane ishobora gutangwa mu bintu cyangwa mu mafaranga.

Ingingo ya 18 : Ivyongerwa n'igabanva ry'imari y'ishingiro

Imari y'ishingiro ishobora kongerwa n'imigabane mishya. Ishobora kugabanyuka bitewe no guhomba, cyangwa kwishyura imyenda.

Imari y'ishingiro ntishobora kugabanukaho ibirenze kimwe cya kabiri (1/2) bitewe no gusubiza abanyamuryango bavuyemo imigabane yabo.

Mu gihe Koperative izaba yarahawe inguzanyo n'ikigo cya Leta cyangwa cyigenga, imari y'ishingiro ntizashobora kugabanywa n'isubizwa ry'imigabane igihe inguzanyo itarishyurwa yose.

Keretse byemejwe na Minisitiri ushinze za koperative kandi n'uwishyuzwa akabyemeza mu nyandiko.

INTERURO YA IV : IBYEREKEYE INZEGO N'UBUBASHA BWAZO

Iciviro cya mbere : Ibyerekeye Inama Rusange

Ingingo ya 19 :

Inama Rusange igizwe n'abanyamuryango bose.

Inama Rusange nirwo rwego rukuru rwa koperative. Izindi nzego zose zihabwa ububasha nayo.

Ingingo ya 20 : Ububasha bw'Inama Rusange

Inama Rusange isanzwe iterana kabiri mu mwaka itumiwe na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi.

Iya mbere iterana muri Gashyantare, cyane cyane kugira ngo :

- imenyeshwe ibyakozwe na koperative umwaka ushize ;
- isuzume kandi yemeze imibaruro y'umutungo ;
- ishyireho, niba bishoboka, ikigero cy'inyungu ku misanzu mu buryo buteganywa n'itegeko ;
- yemeze ubwasisi bugomba gutangwa n'uko bwatangwa ;
- itore abagize Inama y'Ubutegetsi n'iy'Ubugenzuzi.

Inama ya kabiri iterana muri Mata kugira ngo :

- itegure ibizakorwa mu gihe kiri imbere ;
- ishyireho ingengo y'imari ;
- yemere abanyamuryango bashya ;
- isuzume ikindi kibazo cyose giteganyijwe kwigwa uwo munsu.

Ingingo ya 21 : Itumizwa ry'Inama Rusange

Inama Rusange ihamagazwa hasigaye nibura iminsi makumyabiri kugira ngo inama ibe ; urwandiko ruyitumiza rwohererezwa buri munyamuryango cyangwa bagakoresha ubundi buryo bwose butuma bimenyekana bihagije.

Itumiza rigomba kugaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, itariki n'aho inama izabera ;

Umuyobozi w'Akarere w'aho koperative ikorera arabimenyeshwa.

Ingingo ya 22 : Ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo umubare w'abanyamuryango bahari n'abahagarariye abandi utarenze $\frac{1}{2}$ cy'abanyamuryango bose.

Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, Inama Rusange ihamagarwa bwa kabiri mu minsi munani mu buryo bumwe nk'ya mbere.

Yiga ibyari bisanzwe biteganyijwe kandi igafata ibyemezo ku buryo bwemewe, uko abahari n'abahagarariye baba bangana kose.

Ibyemezo bifatwa hakurikijwe umubare w'amajwi arenga $\frac{1}{2}$ cy'abanyamuryango bahari n'abahagarariye. Buri munyamuryango agira ijwi rimwe mu itora.

Ibyavuzwe mu Nama Rusange bigaragazwa n'inyandiko-mvugo yanditse mu gitabo kibigenewe kandi igashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi.

Ingingo ya 23 : Inama Rusange idasanzwe

Inama Rusange idasanzwe ishobora guterana itumiwe n'Inama y'Ubutegetsi cyangwa iy'Ubugenzuzi, iyo bisabwe n'icya gatatu cy'abagize Koperative cyangwa na Minisitiri ushinze amakoperative.

Isuzuma ivugururwa ry'amategeko agenga koperative ikaniga ikibazo cyose gikomeye kandi cyihutirwa.

Ingingo ya 24 : Ihamagazwa n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange idasanzwe ihamagazwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu kugira ngo iterane.

Ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo abanyamuryango bahari n'abahagarariye batageze kuri bibiri bya gatatu by'abanyamuryango bose. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu minsi umunani. Ifata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abahari n'abahagarariye abandi baba bangana kose.

Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abahari n'abahagarariye.

Buri munyamuryango ashobora guhagararira undi munyamuryango umwe.

Icyiciro cya 2 : Ibyerekeye Inama y'Ubutegetsi

Ingingo ya 25 : Uko iteye

Koperative iyoborwa n'Inama y'Ubutegetsi igizwe n'abanyamuryango 7. Batorwa igihe cy'imyaka itatu kandi bashobora kongera gutorwa.

Abajyanama bitoramo, buri mwaka, Perezida, umusimbura we n'umwanditsi kandi bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 26 :

Kugira ngo umuntu ashobore gutorerwa kuba mu nama y'ubutegetsi bwa koperative agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

- Kuba adakora umurimo ahemberwa muri iyo koperative;
- Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze amezi atandatu mu myaka itanu ishize kubera kuba yarakoze icyaha kidakomeye cyateganyijwe n'igitabo cy'amategeko ahana;
- Kuba adakora umurimo ubangamiye koperative, urwego ruto, urwisumbuye cyangwa urwego runini rw'amakoperative ku buryo buziguze cyangwa butaziguze, yaba abikora rimwe na rimwe cyangwa igihe cyose.

Igihe hari impaka zerekeye ibivugwa kuri n°3, Ministiri ushinzwe amakoperative afite ububasha bwo gutanga uruhushya iyo ari ngombwa kugira ngo koperative itunganye imirimo yayo.

Ingingo ya 27 : Iterana ry'Inama y'Ubutegetsi

Perezida cyangwa umusimbura we nibwo batumira Inama y'Ubutegetsi mu gihe cyose bibaye ngombwa kandi igaterana nibura rimwe mu mezi atatu.

Ishobora na none guterana iyo Minisitiri ushinzwe za koperative abitegetse, iyo Abagenzuzi b'imari cyangwa kimwe cya gatatu cy'abanyamuryango babisabye.

Ingingo ya 28 : Gufata ibyemezo

Kugira ngo ibiyivugiwemo byemerwe, Inama y'Ubutegetsi igomba kuba iteraniwemo na bibiri bya gatatu by'abayigize.

Ibyemezo bifatwa bakurikije ubwinshi bw'amajwi y'abahari. Iyo amajwi angana, ku nshuro ya kabiri, ikibazo batumvikanaho gisuzumwa mu Nama y'Ubutegetsi ikurikira, kitakemurwa muri iyo nama, kigashyikirizwa Inama Rusange idasanzwe.

Ibyavugiwe mu nama bigaragazwa n'inyandiko-mvugo yanditse mu gitabo cyabigenewe kandi bigashyirwaho umukono n'abajyanama bose bayijemo.

Ingingo ya 29 : Ububasha bw'Inama y'Ubutegetsi

Uretse ububasha bweguriwe Inama Rusange, Inama y'Ubutegetsi ifite ububasha burambuye mu byerekeye ubuyobozi n'imirimo y'imari ya koperative.

Inama y'Ubutegetsi ishobora guha umwe cyangwa benshi mu bayigize, bumwe mu bubasha bwayo cyangwa ikabaha ububasha bwo kurangiza imwe mu mirimo yayo.

Ingingo ya 30 :

Abagize Inama y'Ubutegetsi baryozwa amakosa baba barakoze buri muntu ku giti cye cyangwa bafatanyije, igihe bakoraga imirimo bashinzwe.

Ingingo ya 31 : Umushahara w'abajyanama

Imirimo y'ubujyanama ntihemberwa.

Gusa, bashobora gusubizwa amafaranga yose batanze baza mu nama, mu buryo buteganywa n'amategeko y'umwihariko ya koperative.

Icyiciro ya 3 : Ibyerekeye Inama y'Ubugenzuzi

Ingingo ya 32 : Ishyirwaho ry'Inama y'Ubugenzuzi

Buri mwaka, Inama Rusange ishyiraho Inama y'Ubugenzuzi igizwe nibura n'abantu babiri, b'abanyamuryango cyangwa batari bo, bashinzwe kugenzura imirimo yose ya koperative.

Bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 33 : Ububasha bw'Inama y'Ubugenzuzi

Inama y'Ubugenzuzi ishinzwe kugenzura ibitabo, isanduku n'ibyo koperative itunze itabikuye aho biri, kugenzura ibarura-mutungo, imbonerahamwe z'umutungo no kureba ko inyandiko zerekana imicungire y'imari ya buri muni ari zo.

Inama y'Ubugenzuzi, igihe ishakiye cyose, ariko itivanze mu micungire ya buri muni ya koperative, ishobora gusuzuma cyangwa kugenzura ibyo ibona ko ari ngombwa :

- kugenzura niba ibyemezo by'Inama Rusange n'iby'Inama y'Ubutegetsi byubahirizwa;
- kureba niba amategeko agenga koperative n'ay'umwihariko akurikizwa.

Abagize Inama y'Ubugenzuzi bashobora guhabwa igihembo gishyirwaho n'Inama Rusange.

Ingingo ya 34 :

Abadashobora gutorerwa kuba mu bagize Inama y'Ubugenzuzi bwa koperative ni :

- Abagize Inama y'Ubutegetsi, abo bashyiranywe kimwe n'abo bafitanye isano kugeza ku rwego rwa mbere ;
- Abantu bahembwa ku buryo ubwo aribwo bwose na koperative, n'abagize Inama y'Ubutegetsi, cyangwa n'abacungamutungo ba koperative ndetse n'abashyiranywe n'abo bantu bahembwa.

Iyo hagize umwe muri iyo miziro yateganyijwe ugaragara kandi umugenzuzi yaratangiye imirimo, ategetswe kwegura ako kanya kandi akabimenyesha Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi mu minsi itarenga cumi n'itanu umuziro umenyekanye.

Iciviro cya 4 : Ibyerekeve icungamutungo

Ingingo ya 35 : Ishyirwaho ry'umucungamutungo

Inama Rusange niyo ishyiraho umwe cyangwa benshi mu banyamuryango cyangwa bataribo, bashinzwe gucunga koperative buri muni bayoborwa n'Inama y'Ubutegetsi.

Mbere yo gutangira akazi, hagomba kuba amasezerano y'umurimo yanditswe n'Inama y'Ubutegetsi, nk'uko itegeko ryo kuwa 01/03/2002 rigenga imirimo mu Rwanda ribivuga.

Ingingo ya 36 :

Umucungamutungo abujijwe gukora ku buryo butaziguye cyangwa buziguye imirimo ibangamiye koperative.

INTERURO YA V : IBYEREKEYE IMARI

Ingingo ya 37 : Umwaka w'ibonezamutungo

Igihe-fatizo cy'ibonezamutungo gitangira kuwa mbere Mutarama kitarangira kuwa 31 Ukuboza kwa buri mwaka, uretse ko mu mwaka wa mbere, icyo gihe gitangirana n'umunsi koperative yatagiriyeho imirimo yayo.

Ingingo ya 38 : Inyandiko zisoza umwaka

Inama y'Ubutegetsi ikora izi nyandiko zikurikira kugira ngo zizasuzumwe n'Inama Rusange isanzwe.

- Ibarura ry'ibyinjiye n'ibyasohotse,
- Imikoreshereze y'imari,
- Imbonerahamwe y'umutungo,
- Raporo y'ibyakozwe muri uwo mwaka,
- Gahunda y'ibigomba gukorwa mu mwaka ukurikira.

Ingingo ya 39 : Igabanywa ry'inyungu

Amafaranga y'inyungu abonetse buri mwaka, havanywemo ayatanzwe ku bikorwa rusange n'andi yose koperative yakoresheje, agabanywa ku buryo bukurikira :

20 ku ijana azigamirwa koperative nk'uko amategeko abivuga ;
10 ku ijana ashirwa mu isanduku igoboka amakoperative ;
70 ku ijana asigaye, Inama Rusange igena uko azakoreshwa.

Amafaranga azigamwa ni umutungo rusange udashobora kugabanywa abanyamuryango.

Ntashobora gushyirwa mu mutungo w'ishingiro cyangwa kongera imigabane.

Kuzigamira koperative bireka kuba itegeko, igihe umubare w'amafaranga yabitswe ungana n'imari y'ishingiro ya koperative.

Koperative iramutse isheshwe, Inama Rusange izemeza icyo yakoreshwa.

Ingingo ya 40 : Inyungu y'imigabane

Imigabane ya buri muntu ishobora kubona urwunguko rutarenza atandatu ku ijana.

Iyo nyungu ishiritwaho n'Inama Rusange, itangwa gusa iyo hagize amafaranga asaguka muri uwo mwaka.

Ingingo ya 41 : Ubwasisi

Ubwasisi butangwa bakurikije ibyo buri munyamuryango yakoranye na koperative.

Iyo koperative yahombye, nta bwasisi bushobora gutangwa igihe cyose inyungu y'imyaka ikurikira itaraziba icyuho cy'ibyo bihombwe.

INTERURO YA VI : ISESWA RYA KOPERATIVE, IYEGERANYA RY'UMUTUNGO

Ingingo ya 42 : Iseswa n'ivanwaho rya koperative

Iseswa n'ivanwaho ry'umuryango bikorwa hakurikijwe itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12/10/1988 ritunganya amakoperative.

Ingingo ya 43 : Iyegeanywa ry'umutungo

Iyo koperative isheshwe, umutungo wose uregeranywa ukagabanywa abanyamuryango cyangwa ugahabwa indi koperative bihwanyije imirimo.

INTERURO YA VII : AMATEGEKO ASOZA

Ingingo ya 44 : Ikemurwa ry'impaka

Impaka zoze zishobora kuvuka mu banyamuryango, zishyikirizwa Inama y'Ubutegetsi n'Inama Rusange kugira ngo zibanze zizige kandi zishake uko zazirangiza bya kivandimwe mbere yo gushyikirizwa inkiko.

Ingingo ya 45 : Itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative

Ibidateganyijwe muri aya mategeko bigomba gushyirwa mu itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative, ritegurwa n'Inama y'Ubutegetsi, mbere yo kwemezwa n'Inama Rusange.

ITEKA RYA MINISITIRI N° 031/15.00/2004/COOP RYO KUWA 13/07/2004 RIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « INGOBOKA ».

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 ritunganya amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Amaze kubona ibaruwa yo kuwa 16/07/2003 yanditswe na Bwana NTAWUKIRIWABO Ramadhan, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Koperative « INGOBOKA », ifite intebe yayo mu Karere ka Kayove, Intara ya Gisenyi;

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri cyo kuwa 25/02/2004 ;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

Koperative "INGOBOKA" ifite intebe yayo mu Karere ka Kayove, Intara ya Gisenyi, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 13/07/2004.

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

AMATEGEKO AGENGA KOPERATIVE Y'ABAHINZI B'IKAWA B'I KAYOVE, « INGOBOKA »

INTERURO YA MBERE : IREMWA RY'UMURYANGO

Ingingo ya mbere : Ishingwa ry'umuryango

Abashyize umukono kuri aya mategeko n'abandi bazayemera bashinze «Kkoperative y'abahinzi ba kawa b'i Kayove » igengwa n'amategeko ariho mu gihugu agenga amakoperative.

Ingingo ya 2 : Izina ry'umuryango

Koperative imaze kuremwa yiswe "INGOBOKA" mu magambo ahinnye.

Ingingo ya 3 : Intebe y'umuryango

Intebe y'umuryango ishizwe mu murenge wa NGABO mu Ntara ya GISENYI.

Ingingo ya 4 : Imbibi z'aho izakorera

Koperative izakorera imirimo yayo mu Ntara ya GISENYI.

Ingingo ya 5 : Intengo za Koperative

Koperative ifite inshingano zikurikira :

- gukangurira abahinzi ba kawa kuzikorera kugira ngo zigire umusaruro ushimishije;
- guteza imbere igihingwa cya kawa no kugihesha agaciro;
- gutunganya neza kawa mu isarurwa kugira ngo irusheho kugumana uburyohe bwayo;
- gushishikariza abahinzi ba kawa gushyira mu bikorwa amabwiriza bahabwa n'inzego zibishinzwe;

Izo ntego zishobora kongerwa kimwe no guhindurwa n'icyemezo cy'Inama Rusange ku buryo bitabuza umuryango gukomeza kuba Koperative.

Ingingo ya 6 : Igihe umuryango uzamara

Koperative izamara imyaka 30 kuva ikimara kubona ubuzima gatozi, keretse icyo gihe cyungurujwe cyangwa igaseswa igihe kitaragera.

INTERURO YA II : ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 7 : Ivemerwa ry'abanyamuryango

Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango agomba :

- Kuba afite nibura imyaka 18 y'amavuko;
- Kugaragaza ko afite inyungu mu karere iyo koperative ikoreramo;
- Kudakora imirimo ibangamiye koperative;
- Kuba yarishyuye imisanzu ye yose mu mari shingiro ya koperative; nk'uko biteganywa n'ingingo ya 17 y'aya mategeko;
- Kwiyemeza kunyuzwa muri koperative ibikorwa byose cyangwa igice cyabyo biteganyijwe mu ngingo ya 5 y'aya mategeko;
- Kwemerwa n'Inama Rusange ya koperative, gusaba kwemerwa n'Inama Rusange binyuzwa ku Nama y'Ubutegetsi.

Ingingo ya 8 : Kureka kuba umunyamuryango

Umuntu areka kuba umunyamuryango wa Koperative bitewe n'urupfu, ukwegura cyangwa kwirukanwa.

Ingingo ya 9: Kwikura mu murungo

Ushaka kwegura mu murungo yandikira Inama y'Ubutegetsi ikamuha icyemezo kivuga ko ibonye urwo rwandiko. Hanyuma iraterana ikamusubiza mu buryo bwanditse mu gihe kitarenze amezi 6. icyo gihe nigishira ntabwo Inama y'Ubutegetsi imushubije, uwasabye kuvamo yigendera nta nkomyi.

Ingingo ya 10 : Iyirukanwa

Bisabwe na buri wese ubifitemo inyungu, buri munyamurungo ashobora kwirukanwa iyo awangiriza cyangwa adakora ibyo yiyemeje, adakurikije amategeko ya Koperative n'ibyemezo byafashwe n'inzego zayo. icyemezo cyo kwirukanwa burundu gifatwa n'Inama Rusange ku bwiganze bwa $\frac{3}{4}$ by'amajwi y'abari mu nama.

Ingingo ya 11: Isubizwa ry'imigabane

Buri munyamurungo usezeye cyangwa wirukanywe afite uburenganzira bwo gusubizwa imigabane yatanze. Agomba gufatanya n'abandi kwishyura imyenda Koperative yafashe akiyirimo.

Ingingo ya 12 : Izungurwa ry'umunyamurungo

Iyo umunyamurungo apfuye, abamuzunguye bashobora kwandikira Inama Rusange babinyujije ku Nama y'Ubutegetsi, basaba ko umwe muri bo yemerwa mu murungo mu kigwi cy'uwapfuye. icyo gihe ingingo ya 11 irakurikizwa.

Ingingo ya 13 : Abisunze umurungo

Igihe bitanyuranyije n'aya mategeko, Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemera ko koperative ikorana n'abatayirimo. Abo ntibashobora kugira uruhare mu butegetsi bwa koperative cyangwa ku bwasisi bwa buri mwaka.

Ingingo ya 14 : Abakozi bahembwa

Koperative ishobora gukoresha abakozi bahembwa, ariko ikabashakira mbere na mbere mu banyamurungo bayo, hakurikijwe amategeko agenga ubwiteganyirije bw'abakozi mu Rwanda.

Ingingo ya 15: Inyandiko zibikwa ku ntebe y'umunyamurungo

Inama y'Ubutegetsi, cyane cyane Umwanditsi wayo, niyo ishinzwe inyandiko zikurikira:

- Amategeko rusange n'ay'umwihariko bya koperative;
- Igitabo cyandikwamo ibyemezo by'Inama y'Ubutegetsi n'iby'Inama Rusange n'ikindi cyandikwamo raporo z'Inama z'Ubutegetsi.
- Umucungamari wa koperative niwe ushinzwe kwandika mu gitabo cy'abanyamurungo cyandikwamo:
 - Izina ry'umunyamurungo, aho atuye, itariki y'iyemerwa, iy'isezererwa, iy'isezera, iyo yirukaniweho n'iy'igihe yapfiriyeho.
- Amafaranga yatanzwe cyangwa yakuweho na buri munyamurungo.
Buri munyamurungo yemerewe kumenya ibyanditswe muri ibyo bitabo hari ubishinzwe kandi amuhaye uruhusa.

INTERURO YA III: IMARI Y'UMURUNGU

Ingingo ya 16: Imari y'ishingiro

Imari y'ishingiro ya koperative igizwe n'imigabane buri munyamurungo yiyemeje gutanga kandi yarishye. Iyo imigabane ishyingirwa ku izina bwite ry'uyishyuye ntigabanywa, nticuruzwa ariko ishobora guhabwa undi byemejwe n'Inama Rusange.

Ingingo ya 17 : Uko imari y'umuryango iteye

Imari y'ishingiro y'umuryango igizwe n'amafaranga miriyoni imwe y'u Rwanda (1.000.000 frw). Umugabane wemejwe ni amafaranga ibihumbi mironko itanu y'u Rwanda (50.000 Frw). Buri munyamuryango agomba kwemera gutanga umugabane umwe uhwanyane n'amafaranga ibihumbi mironko itanu y'u Rwanda.

Imigabane buri munyamuryango atanze igaragazwa n'icyemezo ahabwa, no kuba yanditse mu gitabo cy'abanyamuryango. Imigabane ishobora gutangwa mu bintu cyangwa mu mafaranga.

Ingingo ya 18: Iyongerwa n'igabanwa ry'imari

Imari y'ishingiro ishora kongerwa n'imigabane mishya. Ishobora kugabanywa bitewe no guhomba, kwishyura cyangwa kuzibukira imyenda.

Imari y'ishingiro ntishobora kugabanyuka ibirenze ½ bitewe no gusubiza abanyamuryango bavuyemo imigabane yabo.

Iyo koperative izaba yarahawe inguzanyo n'ikigo cya Leta cyangwa cyigenga, imari y'ishingiro ntizashobora kugabanywa n'isubizwa ry'imigabane igihe inguzanyo itarishyurwa yose. Keretse byemejwe na Minisitiri ushinze za koperative kandi n'uwishyura akabyemeza mu nyandiko.

UMUTWE WA IV : IBYEREKEYE INZEGO N'UBUBASHA BWAZO

Iciviro cya mbere : Ibyerekereye Inama Rusange

Ingingo 19: Inama Rusange

Inama Rusange igizwe n'abanyamuryango bose.

Inama Rusange nirwo rwego rukuru rwa koperative. Izindi nzego zose zihabwa ububasha nayo.

Ingingo ya 20: Ububasha bw'Inama Rusange

Inama Rusange isanzwe iterana kabiri mu mwaka itumijwe na Perezida w'Inama'Ubutegetsi.

Iya mbere iterana cyane cyane kugira ngo:

- imenyeshwe ibyakozwe na koperative umwaka ushize;
- isuzume kandi yemeze imibaruro y'umutungo;
- ishyiraho niba bishoboka ikigereranyo cy'inyungu ku migabane mu buryo buteganywa n'amategeko;
- yemeze ubwasisi bugomba gutangwa n'uko bwatangwa;
- itora abagize Inama y'Ubutegetsi n'Ubugenzi.

Inama ya kabiri iterana kugira ngo:

- iteganye ibizakorwa mu gihe kiri imbere;
- ishyiraho ingengo y'imari;
- isuzuma ikindi kibazo cyose giteganyijwe kwigwa uwo muni.

Ingingo ya 21 : Itumizwa ry'Inama Rusange

Inama Rusange ihamagazwa nibura hasigaye iminsi 20 kura ngo inama iterane; urwandiko ruyitumiza rwoherezwa kuri buri munyamuryango cyangwa bagakoresha ubundi buryo bwose bituma bimenyekana hakiri igihe gihagije. Itumizwa rigomba kugaraza ibiri ku murongo w'ibyigwa, itariki n'aho inama izabera. Burugumesitiri waho koperative ikorera arabimenyeshwa.

Ingingo ya 22: Ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo umubare w'abanyamuryango bahari n'abahagarariye abandi utarenze ½ cy'abanyamuryango.

Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, Inama Rusange ihamagarwa bwa kabiri mu minsi 8 mu buryo bumwe n'iya mbere. Yiga ibyari bisanzwe biteganyijwe kandi igatafa ibyemezo ku buryo bwemewe, uko abahari n'abahagarariwe bababangana kose. Buri munyamuryango agira ijwi rimwe mu itora.

Ibyavuzwe mu Nama Rusange bigaragazwa n'inyandiko-mvugo yanditse mu gitabo cyabigenewe kandi igashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi.

Ingingo ya 23: Inama Rusange idasanzwe

Inama Rusange idasanzwe ishobora guterana itumijwe n'Inama y'Ubutegetsi cyangwa Inama y'Ubugenzuzi, iyo bisabwe na 1/3 cy'abagize koperative cyangwa na Minisitiri ushinzwe amakoperative. Isuzuma ivugururwa ry'amategeko agenga koperative ikaniga ikibazo cyose gikomeye kandi cyihutirwa.

Ingingo ya 24: Ihamagazwa n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange idasanzwe ihamagazwa hasigaye nibura iminsi 15 kugira ngo iterane.

Ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo abanyamuryango bahari n'abahagarariwe batageze kuri 2/3 by'abanyamuryango bose. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu minsi 8 ifata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abahari n'abahagarariye abandi baba bangana kose.

Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi y'abahari n'abahagarariwe.

Buri munyamuryango ashobora guhagararira undi munyamuryango umwe.

Icyiciro cya kabiri : Inama y'Ubutegetsi

Koperative iyoborwa n'Inama y'Ubutegetsi igizwe n'abanyamuryango 8 batorwa igihe k'imyaka 3 kandi bashobora kongera gutorwa.

Inama y'Ubutegetsi yitoramo buri mwaka Perezida na Visi-Perezida, Umubitsi n'Umunyamabanga bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 26: Gutorerwa mu Nama y'Ubutegetsi

Kugirango umuntu ashobore gutorerwa kuba mu Nama y'Ubutegetsi bwa koperative agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- kuba adakora umurimo uhemberwa muri iyi koperative;
- kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze amazi 6 mu myaka itanu ishize kubera icyaha kidakomeye cyateganyijwe n'igitabo cy'amategeko ahana;
- kuba adakora imirimo ibangamiye koperative, urwego ruto, urwisumbuye cyangwa urwego runini rw'amakoperative ku buryo buziguye cyangwa butazigiye, yaba abikora rimwe na rimwe cyangwa igihe cyose.

Igihe hari impaka zerekeye ibivugwa kuri n°3, Minisitiri ushinzwe amakoperative afite ububasha bwo gutanga uruhushya iyo ari ngombwa kugira ngo koperative itunganye imirimo yayo.

Ingingo ya 27: Iterana

Perezida cyangwa umusimbura we nibo batumiza Inama y'Ubutegetsi mu gihe cyose bibaye ngombwa kandi igaterana nibura rimwe mu mezi atatu.

Ishobora guterana iyo Minisitiri ushinzwe amakoperative abitegetse, iyo Abagenzuzi b'imari cyangwa igice cya gatatu cy'abanyamuryango babisabye.

Ingingo ya 28 : Gufata ibyemezo

Kugira ngo ibiyivugiwemo byemerwe, Inama y'Ubutegetsi igomba kuba iteraniwemo n'ibice bibiri bya gatatu by'abayigize.

Ibyemezo bifatwa hakurikijwe ubwinshi bw'amajwi y'abahari, ikibazo batumvikanaho gisuzumwa mu nama ikurikira, kitakemurwa muri iyo nama kigashyikirizwa Inama Rusange idasanzwe. Ibyavuzwe mu nama bigaragazwa n'inyandiko mvugo yanditse mu gitabo cyabigenewe kandi bigashyirwaho umukono n'abajyanama bose bayijemo.

Ingingo ya 29: Ububasha bw'Inama y'Ubutegetsi

Uretse ububasha bweguriwe Inama Rusange, Inama y'Ubutegetsi ifite ububasha burambuye mu byerekeye ubuyobozi n'imirimo y'imari ya koperative.

Inama y'Ubutegetsi ishobora guha umwe cyangwa benshi mu bayigize bumwe mu bubasha bwayo cyangwa ikabaha ububasha bwo kurangiza imwe mu mirimo yayo.

Ingingo ya 30: Amakosa

Abagize Inama y'Ubutegetsi baryozwa amakosa baba barakoze buri muntu ku giti cye cyangwa bafatanyije igihe bakora imirimo bashinzwe.

Ingingo ya 31: Umushahara w'Abanyamuryango

Imirimo y'umujoyanama ntihemberwa, gusa bashobora gusubizwa amafaranga yose batanze baza mu nama, mu buryo buteganywa n'amategeko y'umwihariko ya koperative berekanye impapuro zibyemeza.

Icyiciro cya 3: Inama y'Ubugenzuzi

Ingingo ya 32: Ishyirwaho ry'Inama z'Ubugenzuzi

Buri mwaka Inama Rusange ishira Inama y'Ubugenzuzi igizwe nibura n'abantu 2 b'abanyamuryango cyangwa batari bo, bashinzwe kugenzura imirimo yose ya koperative. Bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 33: Ububasha bw'Inama y'Ubugenzuzi

Inama y'Ubugenzuzi ishinzwe kugenzura ibitabo, isanduku y'ibyo koperative itunze itabikuye aho biri, kugenzura ibaruramutungo, imbonerahamwe y'umutungo no kureba ko inyandiko zerekana imicungire y'imari ya buri muni ari zo.

Inama y'Ubugenzuzi ishinzwe no kugenzura niba ibyemezo byafashwe n'Inama Rusange n'iy'Ubutegetsi byarubahirijwe.

Igomba kureba niba amategeko agenga koperative n'ay'umwihariko yubahirizwa. Inama y'Ubugenzuzi, igihe ishakiye cyose, ariko itivanze mu micungire ya buri muni ya koperative, ishobora gusuzuma cyangwa kugenzura ibyo ibona ko ari ngombwa.

Ingingo ya 34:

Abadashobora gutorwa kuba mu bagize Inama y'Ubugenzuzi bwa koperative ni:

- abagize inama y'Ubutegetsi, abo bashyingiranywe kimwe n'abo bafitanye isano kugeza ku rwego rwa mbere ;
- abantu bahembwa ku buryo ubwari ubwo bwose na koperative, n'abagize Inama y'Ubutegetsi, abacungamutungo ba koperative ndetse n'abashyingiranywe n'abo bantu bahembwa.

Iyo hagize umwe muri icyo miziro yateganyijwe ugaragara kandi umugenzuzi yaratangiye imirimo, ategetswe kwegura ako kanya kandi akabimenyesha Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi mu minsi itarenga 15 umuziro umenyekanye.

Icyiciro cya 4 : Ikungamutungo

Ingingo ya 35: Ishyirwaho ry'umucungamutungo

Inama Rusange niyo ishyiraho umwe cyangwa benshi b'abanyamuryango cyangwa bataribo, bashinzwe gucunga koperative buri muni bayoborwa n'Inama y'Ubutegetsi. Mbere yo gutangira akazi, hagomba kuba amasezerano y'umurimo yanditswe n'Inama y'Ubutegetsi, nk'uko itegeko ryo kuwa 28/02/67 rigenga imirimo y'u Rwanda ribivuga.

Ingingo ya 36:

Umucungamutungo abujijwe gukora ku buryo butaziguye cyangwa buziguye imirimo ibangamiye koperative.

UMUTWE WA V : IBYEREKEYE IMARI

Ingingo ya 37: Umwaka w'ibonezamutungo

Igihe fatizo cy'ibonezamutungo gitangira kuwa mbere Mutarama kitarangira kuwa 31 Ukuboza kwa buri mwaka. Umwaka wa mbere icyo gihe gitangirana n'umunsi koperative yashingiweho.

Ingingo ya 38: Invandiko zisoza umwaka

Inama y'Ubutegetsi ikora izi nyandiko zikurikira kugira ngo zizasuzumwe n'Inama Rusange isanzwe:

- ibarura ry'ibyinjiye n'ibyasohotse;
- imikoreshereze y'imari;
- imbonerahamwe y'umutungo;
- raporo y'ibyakozwe muri uwo mwaka;
- gahunda y'ibigomba gukorwa mu mwaka ukurikira.

Ingingo ya 39: Igabanywa ry'inyungu

Amafara y'inyungu abonetse buri mwaka, havanywemo ayatanzwe ku bikorwa rusange n'andi yose koperative yakoresheje, agabanywa ku buryo bukurikira:

- 20 ku ijana azigamirwa koperative nk'uko amategeko abivuga;
- 10 ku ijana ashirwa mu isanduku igoboka amakoperative;
- 70 ku ijana asigaye, Inama Rusange igena uko azakoreshwa.

Amafara azigamwa ni umutungo rusange udashobora kugabanywa abanyamuryango. Ntashobora gushyirwa mu mutungo w'ishingiro cyangwa kongera imigabane. Kuzigamira koperative bireka kuba itegeko, igihe umubare w'amafara yabitswe ungana n'imari y'ishingiro ya koperative. Koperative iramutse isheshwe, Inama Rusange izemeza icyo yakoreshwa.

Ingingo ya 40 : Inyungu y'imigabane

Imigabane ya buri muntu ishobora kubona urwunguko rutazarenza atandatu ku ijana. Iyo inyungu ishyirwaho n'Inama Rusange, itangwa gusa icyo hagize amafara asaguka muri uwo mwaka.

Ingingo ya 41 : Ubwasisi

Ubwasisi butangwa hakurikijwe ibyo buri munyamuryango yakoranye na koperative. Iyo koperative yahombye, nta bwasisi bushobora gutangwa igihe cyose inyungu y'imyaka ikurikira itaraziba icyo cy'ibyo bihombo.

UMUTWE WA VI: ISESWA RYA KOPERATIVE, IYEGERANYA N'IGABANYA RY'UMURYANGO

Ingingo ya 42: Iseswa n'ivanwaho ry'umuryango

Iseswa n'ivanwaho ry'umuryango bikorwa hakurikijwe itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 ritunganya amakoperative.

UMUTWE WA VII: AMATEGEKO ASOZA

Ingingo ya 43: Ikemurwa ry'impaka

Impaka zose zishobora kuvuka mu banyamuryango, zishyikirizwa Inama Rusange n'Inama y'Ubutegetsu kugira ngo zibanze zizige kandi zishake uko zazirangiza bya kivandimwe mbere yo gushyikirizwa inkiko.

Ingingo ya 44: Itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere y'umuryango

Ibidateganjwe muri aya mategeko bigomba gushyirwa mu itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative, ritegurwa n'Inama y'Ubutegetsu, mbere yo kwemezwa n'Inama Rusange.

Bikorewe i Kayove, kuwa 03/12/2002.

ITEKA RYA MINISITIRI N° 034/15.00/2004/COOP RYO KUWA 28/07/2004 RIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE C.P.R.B (COOPERATIVE DE PRODUCTION RIZICOLE DE BUGARAMA).

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 120 n' iya 121;

Ashingiye ku Itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 ritunganya amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Amaze kubona ibaruwa yo kuwa 25/04/2004 yanditswe na Bwana AYABAGABO Léopold, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Koperative CPRB (Coopérative de Production Rizicole de Bugarama) ifite intebe yayo mu Karere ka Bugarama, Intara ya Cyangugu;

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri cyo kuwa 25/02/2004;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

Koperative C.P.R.B (Coopérative de Production Rizicole de Bugarama), ifite intebe yayo mu Karere ka Bugarama, Intara ya Cyangugu, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 28/07/2004.

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

AMATEGEKO RUSANGE YA KOPERATIVE YO KONGERA UMUSARURO W'UMUCERI MU BUGARAMA (C.P.R.B).

UMUTWE WA MBERE: IREMWA RY'UMURYANGO

Ingingo va mbere: Ishingwa ry'umuryango

Abashyize umukono kuri aya mategeko n'abandi bazayemera, bashinze koperative yo kongera umusaruro igengwa n'amategeko ariho mu gihugu, cyane cyane itegeko ryo kuwa 12 ukwakira 1988 ritunganya imikorere y'amakoperative mu Rwanda.

Ingingo va 2: Izina ry'umuryango

Koperative imaze kuremwa yiswe "Koperative yo kongera umusaruro w'umuceri mu Bugarama, Cooperative de Production Rizicole à Bugarama" (C.P.R.B.)

Ingingo va 3: Intebe y'umuryango

Intebe y'umuryango ishinze i MISUFI, Umurenge wa BUGARAMA ho mu Karere ka BUGARAMA, Intara ya CYANGUGU.

Ingingo va 4: Imbibi z'aho ikorera

Imbibi z'umuryango ni imirengye yose y'uturere twa BUGARAMA na BUKUNZI, Intara ya CYANGUGU ariko zishobora kwagurirwa mu tundi turere.

Ingingo va 5: Intego va Koperative

Icyo koperative iharanira:

- Kunoza imikorere y'abahinzi ibashishikariza gukorera hamwe no kwita ku mwuga wabo;
- Gufata neza ibikorwa-remezo no kubungabunga ubusugire bwabyo kugira ngo umusaruro urusheho kwiyongera;
- Kubyaza igishanga umusaruro w'umuceri ushimishije mu bwinshi no mu bwiza;
- Guhesha agaciro umuceri kugira ngo abanyamuryango biteze imbere mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza. Iyo ntego ishobora guhindurwa n'icyemezo cy'Inama Rusange ku buryo ariko butabuzwa umuryango gukomeza kuba koperative.

Ingingo va 6: Igihe umuryango uzamara.

Koperative imaze gushingwa izamara imyaka 30 kuva ikimara kubona ubuzima gatozi; keretse icyogihyey'ungurujwe cyangwa igaseswa igihe kitaragera.

UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO.

Ingingo va 7: Ivemerwa

Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango wa koperative agomba:

1. kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani y'amavuko;
2. kuba afite umirima mu gishanga umwanditseho n'itsinda abarurirwamo;
3. kudakora imirimo ibangamiye koperative;
4. kuba yarishyuye umugabane we wose mu mari y'ishingiro ya koperative nk'uko biteganywa n'ingingo ya cumi na 17 y'aya mategeko;
5. kwiyemeza kunyuzwa muri koperative ibikorwa byose cyangwa igice cyabyo biteganyijwe mu ngingo ya 5 y'aya mategeko ivuga intego y'umuryango;
6. kwemerwa n'Inama Rusange ya koperative; gusaba kwemerwa n'Inama Rusange binyuzwa ku Nama y'Ubutegetsi.

Ingingo ya 8: Kureka kuba umunyamuryango.

Umuntu areka kuba umunyamuryango wa koperative bitewe n'urupfu; ukwegura cyangwa ukwirukanwa.

Ingingo ya 9: Kwikura mu muryango.

Ushaka kwegura mu muryango, yandikira Inama y'Ubutegetsi ikamuha icyemezo kivuga ko ibonye urwo rwandiko. Hanyuma igaterana ikamusubiza mu buryo bwanditse mu gihe kitararenze amezi 6. Icyo gihe gishize ntacyo Inama y'Ubutegetsi imusubije, uwasabye kuvamo yigendera nta nkomyi.

Ingingo ya 10: Ivirukanwa.

Bisabwe na buri wese ubifitemo inyungu, buri munyamuryango ashobora kwirukanwa iyo awangiriza cyangwa adakora ibyo yiyemeje, adakurikiza amategeko ya koperative n'ibyemezo byafashwe n'inzego za koperative. Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inama Rusange ku bwiganze bwa bitatu bya kane by'amajwi y'abahari;

Icyakora mu gihe byihutirwa, Inama y'Ubutegetsi ishobora guhagarika umunyamuryango mu gihe igitegereje icyemezo cy'Inama Rusange ikurikira.

Ingingo ya 11: Isubizwa ry'imigabane.

Buri munyamuryango usezeze cyangwa wirukanywe afite uburenganzira bwo gusubizwa mu gihe kitarenze umwaka umwe imigabane ye havuyemo igihombo cyabonetse ku mari y'ishingiro n'imyenda afitiye koperative kimwe n'uruhare mu myenda n'inguzanyo byafashwe na koperative atarayivamo; Abona kandi uruhare ku bwasisi bwabonetse muri koperative uwo mwaka.

Ingingo ya 12: Izungurwa ry'umunyamuryango.

Iyo umunyamuryango apfuye, abamuzunguye bashobora kwandikira Inama Rusange babinyujije ku Nama y'Ubutegetsi, basaba ko umwe muri bo yemerwa mu muryango, mu kigwi cy'uwapfuye. Ibivugwa ku ngingo ya 11 y'aya mategeko bireba n'uwazunguye umunyamuryango wapfuye.

Ingingo ya 13: Abisunze umuryango.

Igihe bitanyuranyije n'aya mategeko, Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemera ko koperative ikorana n'abatayirimo.

Abo ntibashora kugira uruhare mu butegetsi bwa koperative cyangwa ku bwasisi bugenerwa abanyamuryango buri mwaka.

Ingingo ya 14: Abakozi bahembwa.

Koperative ishobora gukoresha abakozi bahembwa, ariko ikabashakira mbere na mbere mu banyamuryango bayo hakurikijwe kandi amategeko agenga imirimo mu Rwanda.

Ingingo ya 15: Inyandiko zibikwa ku ntebe y'umuryango.

Inama y'Ubutegetsi cyane cyane Umwanditsi wayo, niyo ishinze inyandiko zikurikira:

- 1° Amategeko Rusange n' ay'umwihariko bya koperative;
- 2° Igitabo cyandikwamo ibyemezo by'Inama y'Ubutegetsi n'iby'Inama Rusange n'ikindi cyandikwamo raporo z'Inama y'Ubugenzuzi.

Umucungamutugo wa koperative niwe ushinzwe kwandika mu gitabo cy'abanyamuryango cyandikwamo:

- Izina ry'umunyamuryango n'aho atuye, itariki y'iyemerwa, iy'izezera, iyo yirukaniweho cyangwa iy'igihe yapfiriye;
- Umubare w'imigabane buri wese yishyuye;
- Amafaranga yatanzwe cyangwa yakuwemo na buri munyamuryango.
- Izo nyandiko zose zibikwa ku cyicaro cy'umuryango.
- Buri munyamuryango ashobora kumenya icyanditse muri ibyo bitabo, abihereye uburenganzira n'ubibika kandi nawe ahibereye.

UMUTWE WA III: IMARI Y'UMURYANGO.

Ingingo ya 16: Imari y'ishingiro.

Imari y'ishingiro ya koperative igizwe n'umugabane buri munyamuryango yemeye gutanga kandi yarishye, uwo mugabane wandikwa ku izina bwite ry'uwishyuye, ntugabanywa, ntucuruzwa ariko ushobora guhabwa undi byemejwe n'Inama Rusange.

Ingingo ya 17: Uko imari y'umuryango iteye.

Imari y'ishingiro y'umuryango igizwe n'amafaranga 12.254.000 Frw.

Buri munyamuryango agomba kwemera gutanga umugabane umwe wemejwe uhwanye n'amafaranga ibihumbi bibiri 2.000 Frw.

Umugabane buri munyamuryango atanga ugaragazwa n'icyemezo ahabwa, kuba yanditse mu gitabo cy'abanyamuryango no ku ikarita y'umunyamuryango.

Imigabane ishobora gutangwa mu bintu cyangwa mu mafaranga.

Ingingo ya 18: Ivyongerwa n'igabana ry'imari y'ishingiro.

Imari y'ishingiro ishobora kongerwa n'imigabane mishya, ibikorwa bya koperative bibyara inyungu, impano n'indagano.

Ishobora kugabanuka bitewe no guhomba, kwishyura cyangwa kuzibukira imyenda.

Imari y'ishingiro ntishobora kugabanukaho ibirenze kimwe cya kabiri (1/2) bitewe no gusubiza abanyamuryango bavuyemo imigabane yabo;

Iyo koperative izaba yarahawe inguzanyo n'ikigo cya Leta cyangwa cyigenga, imari y'ishingiro ntizashobora kugabanywa n'isubizwa ry'imigabane igihe inguzanyo itarishyurwa rwose. Keretse byemejwe na Minisitiri ushinzwe za koperative kandi n'uwishyura mu nyandiko.

UTWE WA IV: IBYEREKEYE INZEGO N'UBUBASHA BWAZO.

Iciviro cya mbere: Ivyerekeye Inama Rusange.

Ingingo ya 19:

Inama Rusange ya koperative igizwe n'abagize uturere tw'ubuhinzi bw'umuceri, komite z'amazone na komite z'amasegiteri y'ubuhinzi bw'umuceri.

Inama Rusange ni rwo rwego rukuru rwa koperative. Izindi nzego zose zihabwa ububasha nayo.

Ingingo ya 20: Ububasha bw'Inama Rusange.

Inama Rusange isanzwe iterana kabiri mu mwaka itumiwe na Perezida wa koperative mu ntangiriro za buri gihebwe cy'igihingwa ni ukuvuga muri kamena no mu Ukuboza buri mwaka.

Iterana cyane cyane kugira ngo:

- Imenyeshwe ibyakozwe na koperative mu gihembwe gishize cy'ihinga ;
- Isuzume kandi yemeze imikoreshereze y'umutungo : ibaruramutungo, ikigereranyo cy'inyungu ku migabane, ubwasisi bugomba gutangwa n'uko bwatangwa ;
- Iteganya ibizakorwa mu gihembwe cy'ihinga gitaha n'ingingo y'imari ijyana na byo ;
- Isuzume ibindi bibazo byateganyijwe uwo munsu kandi bijyana n'inshingano zihariye z'Inama Rusange nko gutora abagize Inama y'Ubutegetsi ari nayo komite ya koperative mu rwego rw'icyanya, gutora abagize Inama y'Ubuzuzuzi ya koperative, kwemerera abanyamuryango bashya n'ibindi.

Ingingo ya 21 : Itumizwa ry'Inama Rusange.

Inama Rusange ihamagazwa nibura hasigaye iminsi makumyabiri kugirango iterane, urwandiko ruyitumiza rwohererezwa abayigize cyangwa hagakoreshwa ubundi buryo bwose butuma bimenyekana bihagije;

Itumiza rigomba kugaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, itariki n'aho inama izabera;

Umuyobozi w'akarere w'aho koperative ikorera arabimenyeshwa.

Ingingo ya 22 : Ifatwa ry'ibyemezo.

Inama Rusange ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo umubare w'abayigize bahari n'abahagarariye abandi utagera kuri $\frac{1}{2}$ cy'abanyamuryango bose iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, Inama Rusange ihamagazwa bwa kabiri mu minsi umunani mu buryo bumwe nk'iya mbere; yiga ibyari bisanzwe biteganyijwe kandi igafata ibyemezo ku buryo bwemewe; abahari n'abahagarariye uko baba bangana kose;

Ibyemezo bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi arenga $\frac{1}{2}$ cy'abanyamuryango bahari n'abahagarariye. Buri munyamuryango agira ijwi rimwe mu itora. Ibyavuzwe mu Nama Rusange bigaragazwa n'inyandiko mvugo yanditse mu gitabo kibigenewe kandi ishyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi.

Ingingo ya 23 : Inama Rusange idasanzwe.

Inama Rusange idasanzwe ishobora guterana itumiwe n'Inama y'Ubutegetsi. cyangwa iy'Ubuzuzuzi, iyo basabwe n'icya gatatu ($\frac{1}{3}$) cy'abagize koperative cyangwa na Minisitiri ushinze amakoperative.

Isuzuma ivugururwa ry'amategeko agenga koperative ikaniga ikibazo cyose gikomeye kandi kihutirwa.

Ingingo ya 24: Ihamagazwa rifatwa n'ibyemezo.

Inama Rusange ihamagazwa nibura hasigaye iminsi cumi n'itanu kugira ngo iterane;

Ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo abahari n'abahagarariye batageze kuri bibiri bya gatatu by'abayigize bose. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu minsi munani. Ifata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abahari n'abahagarariye baba bangana kose; ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abayitabiriye.

Buri munyamuryango ashobora guhagararira undi munyamuryango umwe gusa.

Ingingo ya 25:

Inama Rusange y'Akarere igizwe n'abagize komite z'amasegiteri agize zone n'intumwa ebyiri zihagarariye buri tsinda riri muri zone kandi zitoranywa mu bagize komite yabo.

Ingingo ya 26:

Inama Rusange ya zone iterana kane buri mwaka, itumiwe n'Umuyobozi wa komite ya zone cyangwa kimwe cya gatatu cy'abagize Inama Rusange y'iyi zone.

Inama ya mbere n'iya gatatu ziterana mu kwezi kubanziriza uko Inama Rusange ya koperative izaberamo kugira ngo ziyitegere.

Inama ya kabiri n'iya kane ziterana mu kwezi gukurikira uko Inama Rusange ya koperative yabayemo kugira ngo zimenyeshwe kandi zisuzume ibyemezo byafatiwemo.

Ingingo ya 27:

Inama Rusange isanzwe ya zone ifata ibyemezo kimwe n'Inama Rusange isanzwe ya koperative.

Ingingo ya 28:

Inama Rusange idasanzwe ya zone itumizwa nibura hasigaye iminsi cumi n'itanu ngo iterane; ifata ibyemezo kimwe n'Inama Rusange idasanzwe ya koperative.

Ingingo ya 29:

Buri zone yitorera abagize komite yayo igizwe n'abantu batandatu bashinzwe imirimo ivugwa mu ngingo y 31 y'aya mategeko. Batorerwa igihe cy' imyaka itatu. Bashobora kongera gutorwa.

Komite ya zone ishinze :

- Kumenyeshya abanyamuryango bari muri iyi zone ibyemejwe n'Inama Rusange zisanzwe n'izidasazwe zihurutse za koperative;
- Gutumira no kuyobora inama zisanzwe n'izidasazwe za zone kimwe n'imirimo yose ikorerwa muri zone.

Iciviro cya 2: Ibverekeye Inama v'Ubutegetsi

Ingingo ya 30: Uko iteye.

Koperative iyoborwa n'Inama y'Ubutegetsi (komite) igizwe na bantu 6 batorwa n'Inama Rusange ya koperative mu bayigize. Batorerwa igihe cy'imwaka itatu kandi bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 31:

Kugira ngo umuntu ashobore gutorerwa kuba mu Nama y'Ubutegetsi mu nzego za koperative agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba azwiho ubunyangamugayo kandi ari intangarugero mu bikorwa by'ubuhinzi bw'umuceri;
2. Kuba adakora umurimo ubangamiye koperative ku urwego ruto, urwisumbuye cyangwa urunini rw'amakoperative, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye,yaba abikora rimwe na rimwe cyangwa igihe cyose.

Igihe hari impaka zerekeye ibivugwa kuri n°3, Minisitiri ushinze amakoperative, afite ububasha bwo gutanga uruhushya iyo ari ngombwa kugira ngo koperative itunganye imirimo yayo.

Ingingo ya 32: Iterana.

Perezida cyangwa Umusimbura we niba batumira Inama y'Ubutegetsi mu gihe cyose bibaye ngombwa kandi igaterana nibura rimwe mu mezi atatu. Ishobora na none guterana iyo Minisitiri ushinze za koperative abitegetse, iyo Abagenzuzi b'imari cyangwa igice cya gatatu cy'abanyamuryango babisabye.

Ingingo ya 33: Gufata ibyemezo.

Kugira ngo ibiyivuyemo byemerwe, Inama y'Ubutegetsu igomba kuba iteraniwemo na bibiri bya gatatu by'abayigize;

Ibyemezo bifatwa bakurikije ubwiganze bw'amajwi y'abahari. Iyo amajwi angana ku nshuro ya kabiri, ikibazo batarumvikanaho gisuzumwa mu Nama y'ubutegetsu ikurikira, kitakemurwa muri iyo nama, kigashyikirizwa n'Inama Rusange idasanzwe.

Ibyavugiwe mu nama bigaragazwa n'inyandiko-mvugo yanditse mu gitabo cyabigenewe kandi bigashyirwaho umukono n'abajyanama bose bayijemo.

Ingingo ya 34: Ububasha bw'Inama y'Ubutegetsu.

Uretse ububasha bweguriwe Inama Rusange, Inama y'Ubutegetsu ifite ububasha burambuye mu byerekeye ubuyobozi n'imirimo y'imari ya koperative. Inama y'Ubutegetsu ishobora guha umwe cyangwa benshi mu bayigize, bumwe mu bubasha bwo kurangiza imwe mu mirimo yayo.

Ingingo ya 35: Ububasha bw'Inama y'Ubutegetsu.

Abagize Inama y'Ubutegetsu baryozwa amakosa baba barakoze buri muntu ku giti cye cyangwa bafatanyije, igihe bakoraga imirimo bashinzwe.

Ingingo ya 36: Umushahara w'abajyanama.

Imirimo y'ubujyanama ntihemberwa. Gusa, bashobora gusubizwa amafaranga yose batanze baza mu nama, mu buryo buteganywa n'amategeko y'umwihariko ya koperative.

Icyiciro cya 3 : Ibyerekeye Inama y'Ubugenzuzi

Ingingo ya 37: Ishyirwaho ry'Inama y'Ubugenzuzi.

Buri mwaka Inama Rusange ishira Inama y'Ubugenzuzi igizwe n'abantu batanu, b'abanyamuryango cyangwa bataribo; bashinzwe kugenzura imirimo yose ya koperative.

Ingingo ya 38: Ububasha bw'Inama y'Ubugenzuzi.

Inama y'Ubugenzuzi ishinzwe :

- Kugenzura ibitabo, isanduka n'ibyo koperative itunze itabikuye aho biri, kugenzura ibarura-umutungo, imbonerahamwe y' umutungo no kureba ko inyandiko zerekanye n'imirimo y'imari ya buri muni arizo;
- Kugenzura niba ibyemezo byafashwe n'Inama Rusange n'iy'Ubutegetsu byarubahirijwe;
- Kureba niba amategeko rusange ya koperative n'ay'umwihariko yubahirizwa ;
- Inama y'Ubugenzuzi, igenzura igihe ishakiye cyose, ariko itivanze mu imirimo y'imari ya buri muni ya koperative, ishobora gusuzuma cyangwa kugenzura ibyo ibona ko ari ngombwa;

Abagize Inama y'Ubugenzuzi bashobora guhabwa igihembo gishyirwaho n'Inama Rusange.

Ingingo ya 39:

Abadashobora gutorerwa kuba mu bagize Inama y'Ubugenzuzi bwa koperative ni :

1. Abagize Inama y'Ubutegetsi, abo bashyingiranywe, kimwe n'abo bafitanye isano kugera ku rwego rwa mbere;
2. Abantu bahembwa ku buryo ubwo aribwo bwose na koperative n'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa n'abacungamutungo ba koperative ndetse n'abashyingiranywe n'abo bantu bahembwa.

Iyo hagize umwe muri icyo miziro yateganyijwe igaragara kandi Umugenzuzi yaratangiye imirimo, ategetswe kwegura ako kanya kandi akabimenyeshya Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi mu minsi itarenga cumi n'itanu umuziro umenyekanye.

Icyiciro cya 4: Ibverekeye Icungamutungo

Ingingo ya 40: Ishyirwaho ry'umucungamutungo.

Inama Rusange niyo ishyiraho umwe cyangwa benshi, b'abanyamuryango cyangwa bataribo, bashinzwe gucunga koperative buri muni bayoborwa n'Inama y'Ubutegetsi. Mbere yo gutangira akazi hagomba kuba amasezerano y'umurimo yanditswe n'Inama y'Ubutegetsi, nk'uko itegeko rigenga imirimo mu Rwanda ribivuga.

Ingingo ya 41:

Umucungamutungo abujijwe gukora ku buryo butaziguye cyangwa buziguye imirimo ibangamiye koperative.

UMUTWE WA V: IBYEREKEYE IMARI

Ingingo ya 42: Umwaka w'ibonezamutungo.

Igihe-fatizo cy'ibonezamutungo gitangira kuwa mbere Mutarama kitarangira kuwa 31 Ukuboza kwa buri mwaka, uretse ko mu mwaka wambere, icyo gihe gitangirana n'umunsi koperative yaboneyeho ubuzima gatozi.

Ingingo ya 43: Inyandiko zisoza umwaka.

Inama y'Ubutegetsi ikora izi nyandiko zikurikira kugira ngo zizasuzumwe n'Inama Rusange isanzwe:

1. Ibarura ry'ibyinjiye n'ibyasohotse;
2. Imikoreshereze y'imari;
3. Imbonerahamwe y'umutungo;
4. Raporo y'ibyakozwe muri uwo mwaka;
5. Gahunda y'ibigomba gukorwa mu mwaka ukurikira.

Ingingo ya 44: Igabanywa ry'inyungu

Amafaranga y'inyungu abonetse buri mwaka havanyeho ayatanzwe ku bikorwa rusange n'andi yose koperative yakoresheje agabanywa ku buryo bukurikira:

- 20 ku ijana azigamirwa koperative nk'uko amategeko abivuga;
- 10 ku ijana rishyirwa mu isanduka igoboka Amakoperative;
- 70 ku ijana asigaye, Inama Rusange igena uko azakoreshwa.

Amafaranga azigamirwa ni umutungo rusange udashobora kugabanywa abanyamuryango. Ntashobora gushyirwa mu mutungo w'ishingiro cyangwa kongera imigabane. Kuzigamirwa koperative bireka kuba itegeko igihe umubare w'amafaranga yabitswe unganana n'imari y'ishingiro ya koperative; Koperative iramutse isheshwe, Inama Rusange izemeza icyo ayo mafaranga yakoresheya.

Ingingo ya 45: Inyungu y'imigabane.

Imigabane ya buri muntu ishobora kubona urwunguko rutarenze 6 ku ijana mu mwaka;

Iyo nyungu ishyirwaho n'Inama Rusange, itangwa gusa iyo hagize amafaranga asaguka muri uwo mwaka.

UMUTWE WA VI: ISESWA RYA KOPERATIVE, IYEGERANYA N'I GA BANYWA RY'UMUTUNGO WAYO.

Ingingo ya 46: Iseswa n'ivanwaho ry'umuryango.

Iseswa n'ivanwaho ry'umuryango rikorwa hakurikijwe itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12/10/1988 ritunganya amakoperative.

UMUTWE WA VII: AMATEGEKO ASOZA

Ingingo ya 47: Ikemurwa ry'impaka.

Impaka zose zishobora kuvuka mu banyamuryango, zishyikirizwa Inama y'Ubutegetsi n'Inama Rusange kugira ngo zibanze zizige zishake uko zazi rangiza bya kivandimwe mbere yo kuzishyikiriza inkiko.

Ingingo ya 48: Itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere y'umuryango.

Ibidateganijwe muri aya mategeko bigomba gushyirwa mu itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative, ritegurwa n'Inama y'Ubutegetsi, mbere yo kwemezwa n'Inama Rusange.

Bikorewe i Bugarama, kuwa 25/03/2004.

LISITI Y'ABAGIZE INAMA Y'UBUTEGETSI YA KOPERATIVE C.P.R.B

Amazina	Umurimo	Umukono
1. AYABAGABO Léopold	Perezida	(sé)
2. SHIRUBWIKO Antoine	Visi-Perezida	(sé)
3. UWIMANA Samuel	Umunyamabanga	(sé)
4. FUNDI Djuma	Umubitsi	(sé)

LISITI Y'ABAGIZE INAMA Y'UBUGENZUZI

Amazina	Umurimo	Umukono
1. KAMUZINZI Daniel	Perezida	(sé)
2. BURUSERI Emmanuel		(sé)
3. TWAGIRAMUNGU Emmanuel		(sé)
4. MUKESHIMANA Thaciana		(sé)
5. KASHYENGO Appolinaire		(sé)

Bikorewe i Bugarama, kuwa 28/05/2004.

ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/15.00/2005/COOP RYO KUWA 13/07/2005 RIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE Y'ABAHINZI-BOROZI B'I BUHUNGA (KOPABU).

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 120 n' iya 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 ritunganya amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida wa Repubulika n°27/01 ryo kuwa 18 Nyakanga 2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2;

Amaze kubona ibaruwa yo kuwa 05 Werurwe 2003 yanditswe na Bwana BIZIMUNGU Edouard, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Koperative KOPABU, ifite intebe yayo mu Karere ka Ruyumba, Intara ya Gitarama;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere :

Koperative y'Abahinzi-Borozi b'i Buhunga (KOPABU) ifite intebe yayo mu Karere ka Ruyumba, Intara ya Gitarama, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2 :

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 23/02/2005

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari,
Ubukerarugendo n'Amakoperative
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

**AMATEGEKO AGENGA KOPERATIVE KOPABU
(KOPERATIVE Y'ABAHINZI-BOROZI B'I BUHUNGA)**

INTERURO YA MBERE : IREMWA RY'UMURYANGO.

Ingingo ya mbere : Ishingwa ry'Umuryango

Abashyize umukono kuri aya mategeko n'abandi bazayemera, bashinze Koperative KOPABU (Koperative y'Abahinzi-Borozi b'i Buhunga) igengwa n'amategeko ariho mu gihugu, cyane cyane, itegeko ryo kuwa 12 Ukwakira 1988, ritunganya amakoperative.

Ingingo ya 2 : Izina ry'Umuryango

Koperative imaze kuremwa yiswe KOPABU.

Ingingo ya 3 : Intebe ya Koperative

Intebe ya Koperative ishinze ku Karere ka Ruyumba, Intara ya Gitarama; ariko ishobora kwimukira ahariho hose mu Rwanda byemejwe n'Inama Rusange y'abanyamuryango.

Ingingo ya 4 : Imbibi z'aho Koperative ikorera

Imbibi za Koperative zigizwe n'Akarere ka Ruyumba, Intara ya Gitarama.

Ingingo ya 5 : Intego ya Koperative

Icyo Koperative iharanira ni ukongera umusaruro w'ibihingwa ngandururugo bityo hagamiywe guteza imbere ubuhinzi bworozi, kugira ngo abanyamuryango babashe guhangana n'ibibazo by'ubuzima mu mibereho yabo ya buri muni. Ishobora gukora indi mirimo yose ihuje n'iyi ntego.

Ingingo ya 6 : Igihe Koperative izamara

Koperative imaze gushingwa izamara igihe cy'imyaka mirongo itatu (30) kuva ikimara kubona ubuzimagatozi, keretse icyo gihe cyungurujwe cyangwa kigaseswa igihe kitaragera.

INTERURO YA II : ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 7 : Ivemerwa ry'abanyamuryango

Kugira ngo umuntu abe umunyamuryango, agomba:

- Kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;
- Kugaragaza ko afite inyungu mu karere iyo Koperative ikoreramo;
- Kudakora imirimo ibangamiye iya koperative;
- Kuba yarishyuye imigabane ye yose mu mari y'ishingiro ya koperative nk'uko biteganywa n'ingingo ya 17 y'ayo mategeko;
- Kwiyemeza kunyuzwa muri koperative ibikorwa byose cyangwa igice cyabyo biteganyijwe mu ngingo ya gatanu (5) y'aya mategeko ivuga intego y'umuryango;
- Kwemerwa n'Inama Rusange ya koperative binyujijwe ku Nama y'Ubutegetsi.

Ingingo ya 8 : Kureka kuba umunyamuryango

Umuntu areka kuba umunyamuryango wa koperative bitewe n'urupfu, ukwegura cyangwa ukwirukanwa.

Ingingo ya 9 : Kwikura muri koperative

Ushaka kwegura muri koperative, yandikira Inama y'Ubutegetsi ikamuha icyemezo kivuga ko ibonye urwo rwandiko. Hanyuma iraterana ikamusubiza mu buryo bwanditse mu gihe kitarenze amezi atandatu. Icyo gihe nigishira ntacyo Inama y'Ubutegetsi imushubije, uwasabye kuvamo yigendera nta nkomyi.

Ingingo ya 10 : Iyirukanwa

Bisabwe na buri wese ubifitemo inyungu, buri munyamuryango ashobora kwirukanwa, iyo awangiriza cyangwa adakora ibyo yiyemeje, adakurikiza amategeko ya koperative n'ibyemezo byafashwe n'inzego zayo.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inama Rusange ku bwiganze bwa $\frac{3}{4}$ by'amajwi y'abahari.

Icyakora, mu gihe byihutirwa, Inama y'Ubutegetsi ishobora guhagarika umunyamuryango mu gihe igitegereje icyemezo cy'Inama Rusange ikurikira.

Ingingo ya 11 : Isubizwa ry'imigabane

Buri munyamuryango usezeye cyangwa wirukanwe afite uburenganzira bwo gusubizwa, mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2), imigabane ye havuyemo igihombo cyabonetse ku mari y'ishingiro n'imyenda afitiye koperative kimwe n'uruhare rwe mu myenda n'inguzanyo byafashwe na koperative atarayivamo. Ahabwa kandi n'inyungu ku migabane ye igihe cyose atarayisubizwa. Abona kandi uruhare ku bwasisi bwabonetse muri koperative uwo mwaka.

Ingingo ya 12 : Izungurwa ry'umunyamuryango

Iyo umunyamuryango apfuye, abamuzunguye bashobora kwandikira Inama Rusange, babinyujije ku Nama y'Ubutegetsi, basaba ko umwe muri bo yemerwa mu muryango mu kigwi cy'uwapfuye. Ibivugwa ku ngingo ya 11 y'amategeko bireba n'uwazunguye umunyamuryango wapfuye.

Ingingo ya 13 : Abisunze koperative

Igihe bitanyuranyije n'aya mategeko, Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemera ko koperative ikorana n'abatayirimo. Abo ntibashobora kugira uruhare mu butegetsi bwa koperative cyangwa ku bwasisi bugenwa buri mwaka.

Ingingo ya 14 : Abakozi bahembwa

Koperative ishobora gukoresha abakozi bahembwa, ariko ikabashakira mbere na mbere mu banyamuryango bayo, hakurikijwe kandi amategeko agenga imirimo n'ubwitateganyirize bw'abakozi.

Ingingo ya 15 : Inyandiko zibikwa ku ntebe ya koperative

Inama y'Ubutegetsi, cyane cyane Umwanditsi wayo, niyo ishinzwe inyandiko zikurikira :

- Amategeko rusange n'ay'umwihariko bya koperative;
- Igitabo cyandikwamo ibyemezo by'Inama y'Ubutegetsi n'iby'Inama Rusange n'ikindi cyandikwamo raporo z'Inama y'Ubutegetsi.

Umucungamutungo wa koperative niwe ushinzwe kwandika mu gitabo cy'abanyamuryango, cyandikwamo :

- Izina rya koperative n'aho atuye, itariki y'iyemerwa, iy'isezera, iyo yirukaniweho cyangwa iy'igihe yapfiriye ;
- Imibare y'imigabane buri wese yishyuye ;
- Amafaranga yatanze cyangwa yakuwemo na buri munyamuryango.

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kumenya icyanditswe muri ibyo bitabo. Ubwo burenganzira busabwa umucungamutungo, ari nawe ubutanga.

INTERURO YA III : IMARI Y'UMURYANGO

Ingingo ya 16 : Imari y'ishingiro

Imari y'ishingiro y'umuryango igizwe n'imigabane buri munyamuryango yiyemeje gutanga kandi yarishye.

Iyo migabane yandikwa ku izina bwite ry'uyishyuye, ntigabanywa, keretse byemejwe n'Inama Rusange y'abagize koperative.

Ingingo ya 17 : Uko imari y'umuryango iteye

Imari y'ishingiro ya koperative igizwe n'amafaranga ibihumbi ijana (100.000 Frw). Umugabane wemejwe ni amafaranga ibihumbi umunani na magana atatu na mironko itatu n'atatu (8.333 Frw), buri munyamuryango agomba kwemera gutanga umugabane uhwanye n'amafaranga 8.333 Frw.

Imigabane y'umunyamuryango atanga, igaragazwa n'icyemezo ahabwa, no kuba yanditse mu gitabo cy'abanyamuryango. Imigabane ishobora gutangwa mu bintu cyangwa mu mafaranga.

Ingingo ya 18 : Iyongerwa n'igabanya ry'imari y'ishingiro

Imari y'ishingiro ishobora kongerwa n'imigabane mishya. Ishobora kugabanyuka bitewe no guhomba, cyangwa kwishyura imyenda. Imari y'ishingiro ntishobora kugabanukaho ibirenze kimwe cya kabiri (1/2), bitewe no gusubiza abanyamuryango bavuyemo imigabane yabo. Mu gihe koperative izaba yarahawe inguzanyo n'ikigo cya Leta cyangwa cyigenga, imari y'ishingiro ntizashobora kugabanywa n'isubizwa ry'imigabane igihe inguzanyo itarishyurwa yose. Keretse byemejwe na Minisitiri ushinze za koperative kandi n'uwishyuzwa akabyemeza mu nyandiko.

INTERURO YA IV : IBYEREKEYE INZEGO N'UBUBASHA BWAZO

Iciviro cya mbere : Ibyerekeye Inama Rusange

Ingingo ya 19 :

Inama Rusange igizwe n'abahagarariye abanyamuryango bose. Inama Rusange nirwo rwego rukuru rwa koperative. Izindi zose zihabwa ububasha nayo.

Ingingo ya 20 : Ububasha bw'Inama Rusange

Inama Rusange isanzwe iterana kabiri mu mwaka itumiwe na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi.

Iya mbere iterana muri Gashyantare, cyane cyane kugira ngo :

- imenyeshwe ibyakozwe na koperative umwaka ushize ;
- isuzume kandi yemeze imibaruro y'umutungo ;
- ishyireho, niba bishoboka, ikigero cy'inyungu ku misanzu mu buryo buteganywa n'itegeko ;
- yemeze ubwasisi bugomba gutangwa n'uko bwatangwa ;
- itore abagize Inama y'Ubutegetsi n'iy'Ubugenzuzi.

Inama ya kabiri iterana muri Mata kugira ngo :

- itegure ibizakorwa mu gihe kiri imbere ;
- ishyireho ingengo y'imari ;
- yemere abanyamuryango bashya ;
- isuzume ikindi kibazo cyose giteganyijwe kwigwa uwo muni.

Ingingo ya 21 : Itumizwa ry'Inama Rusange

Inama Rusange ihamagazwa hasigaye nibura iminsi makumyabiri (20 jours) kugira ngo inama ibe ; urwandiko ruyitumiza rwohererezwa buri munyamuryango cyangwa bagakoresha ubundi buryo bwose butuma bimenyekana bihagije. Itumiza rigomba kugaragaza ibiri ku murongo w'ibygwa, itariki n'aho inama izabera, Umuyobozi w'Akarere w'aho koperative ikorera arabimenyeshwa.

Ingingo ya 22 : Ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo umubare w'abanyamuryango bahari n'abahagarariye abandi utarenze ½ cy'abanyamuryango bose. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, Inama Rusange ihamagarwa bwa kabiri mu minsi munani mu buryo bumwe nk'ya mbere.

Yiga ibyari bisanzwe biteganyijwe kandi igafata ibyemezo ku buryo bwemewe, uko abahari n'abahagarariwe baba bangana kose. Ibyemezo bifatwa hakurikijwe umubare w'amajwi arenga ½ cy'abanyamuryango bahari n'abahagarariwe. Buri munyamuryango agira ijwi rimwe mu itora.

Ibyavuzwe mu Nama Rusange bigaragazwa n'inwandiko-mvugo yanditse mu gitabo kibigenewe kandi igashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi.

Ingingo ya 23 : Inama Rusange idasanzwe

Inama Rusange idasanzwe ishobora guterana itumiwe n'Inama y'Ubutegetsi cyangwa iy'Ubugenzuzi, iyo bisabwe n'icya gatatu cy'abagize koperative cyangwa na Minisitiri ushinzwe amakoperative. Isuzuma ivugururwa ry'amategeko agenga koperative ikaniga ikibazo cyose gikomeye kandi cyihutirwa.

Ingingo ya 24 : Ihamagazwa n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange idasanzwe ihamagazwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15 jours) kugira ngo iterane. Ntishobora gufata ibyemezo ku buryo bwemewe iyo abanyamuryango bahari n'abahagarariwe batageze kuri bibiri bya gatatu by'abanyamuryango bose. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu minsi umunani (8 jours). Ifata ibyemezo ku buryo bwemewe uko abahari n'abahagarariye abandi baba bangana kose. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abahari n'abahagarariwe. Buri munyamuryango ashobora guhagararira undi munyamuryango umwe.

Icyiciro cya 2 : Ibyerekeye Inama y'Ubutegetsi

Ingingo ya 25 : Uko iteye

Koperative iyoborwa n'Inama y'Ubutegetsi igizwe n'abanyamuryango 7. Batorwa igihe cy'imyaka itatu kandi bashobora kongera gutorwa. Abajyanama bitoramo, buri mwaka, Perezida, Umusimbura we n'Umwanditsi kandi bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 26 :

Kugira ngo umuntu ashobore gutorerwa kuba mu Nama y'Ubutegetsi bwa koperative agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

- Kuba adakora umurimo ahemberwa muri iyo koperative;
- Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze amezi atandatu mu myaka itanu ishize kubera kuba yarakoze icyaha kidakomeye cyateganyijwe n'igitabo cy'amategeko ahana;
- Kuba adakora umurimo ubangamiye koperative, urwego ruto, urwisumbuye cyangwa urwego runini rw'amakoperative ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, yaba abikora rimwe na rimwe cyangwa igihe cyose.

Igihe hari impaka zerekeye ibivugwa kuri n°3, Minisitiri ushinzwe amakoperative afite ububasha bwo gutanga uruhushya iyo ari ngombwa kugira ngo koperative itunganye imirimo yayo.

Ingingo ya 27 : Iterana ry'Inama y'Ubutegetsi

Perezida cyangwa Umusimbura we niba batumira Inama y'Ubutegetsi mu gihe cyose bibaye ngombwa kandi igaterana nibura rimwe mu mezi atatu. Ishobora na none guterana iyo Minisitiri ushinzwe za koperative abitegetse, iyo abagenzuzi b'imari cyangwa 1/3 cy'abanyamuryango babisabye.

Ingingo ya 28 : Gufata ibyemezo

Kugira ngo ibiyivugiwemo byemerwe, Inama y'Ubutegetsu igomba kuba iteraniwemo na bibiri bya gatatu by'abayigize, ibyemezo bifatwa bakurikije ubwinshi bw'amajwi y'abahari. Iyo amajwi angana, ku nshuro ya kabiri, ikibazo batumvikanaho gisuzumwa mu Nama y'Ubutegetsu ikurikira, kitakemurwa muri iyo nama, kigashyikirizwa Inama Rusange idasanzwe. Ibyavugiwe mu nama bigaragazwa n'inyandiko-mvugo yanditse mu gitabo cyabigenewe kandi bigashyirwaho umukono n'abajyanama bose bayijemo.

Ingingo ya 29 : Ububasha bw'Inama y'Ubutegetsu

Uretse ububasha bweguriwe Inama Rusange, Inama y'Ubutegetsu ifite ububasha burambuye mu byerekeye ubuyobozi n'imirimo y'imari ya koperative. Inama y'Ubutegetsu ishobora guha umwe cyangwa benshi mu bayigize, bumwe mu bubasha bwayo cyangwa ikabaha ububasha bwo kurangiza imwe mu mirimo yayo.

Ingingo ya 30 :

Abagize Inama y'Ubutegetsu baryozwa amakosa baba barakoze buri muntu ku giti cye cyangwa bafatanyije, igihe bakoraga imirimo bashinzwe.

Ingingo ya 31 : Umushahara w'abajyanama

Imirimo y'ubujyanama ntihemberwa. Gusa, bashobora gusubizwa amafaranga yose batanze baza mu nama, mu buryo buteganywa n'amategeko y'umwihariko ya koperative.

Iciviro ya 3 : Ibyerekeye Inama y'Ubugenzuzi

Ingingo ya 32 : Ishyirwaho ry'Inama y'Ubugenzuzi

Buri mwaka, Inama Rusange ishira Inama y'Ubugenzuzi igizwe nibura n'abantu babiri, b'abanyamuryango cyangwa batari bo, bashinzwe kugenzura imirimo yose ya koperative. Bashobora kongera gutorwa.

Ingingo ya 33 : Ububasha bw'Inama y'Ubugenzuzi

Inama y'Ubugenzuzi ishinze kugenzura ibitabo, isanduku n'ibyo koperative itunze itabikuye aho biri, kugenzura ibarura-mutungo, imbonerahamwe z'umutungo no kureba ko inyandiko zerekana imirimo y'imari ya buri muni ari zo.

Inama y'Ubugenzuzi, igihe ishakiye cyose, ariko itivanze mu imirimo y'imari ya koperative, ishobora gusuzuma cyangwa kugenzura ibyo ibona ko ari ngombwa :

- Kugenzura niba ibyemezo by'Inama Rusange n'iby'Inama y'Ubutegetsu byubahirizwa;
- Ikareba kandi niba amategeko agenga koperative n'ay'umwihariko akurikizwa.

Abagize Inama y'Ubugenzuzi bashobora guhabwa igihembo gishyirwaho n'Inama Rusange.

Ingingo ya 34 :

Abadashobora gutorerwa kuba mu bagize Inama y'Ubugenzuzi bwa koperative ni :

- Abagize Inama y'Ubutegetsu, abo bashyiriranywe kimwe n'abo bafitanye isano kugeza ku rwego rwa mbere ;
- Abantu bahembwa ku buryo ubwo aribwo bwose na koperative, n'abagize Inama y'Ubutegetsu, cyangwa n'abacungamutungo ba koperative ndetse n'abashyiriranywe nabo bantu bahembwa.

Iyo hagize umwe muri iyo miziro yateganyijwe ugaragara kandi Umugenzuzi yaratangiye imirimo, ategetswe kwegura ako kanya kandi akabimenyesha Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsu mu minsi itaranga cumi n'itanu umuziro umenyekanye.

Icyiciro cya 4 : Ibyerekeye icungamutungo

Ingingo ya 35 : Ishyirwaho ry'umucungamutungo

Inama Rusange niyo ishyiraho umwe cyangwa benshi mu banyamuryango cyangwa bataribo, bashinzwe gucunga koperative buri muni bayoborwa n'Inama y'Ubutegetsi. Mbere yo gutangira akazi, hagomba kuba amasezerano y'umurimo yanditswe n'Inama y'Ubutegetsi, nk'uko itegeko ryo kuwa 28/02/1967 rigenga imirimo mu Rwanda ribivuga.

Ingingo ya 36 :

Umucungamutungo abujijwe gukora ku buryo butaziguye cyangwa buziguye imirimo ibangamiye koperative.

INTERURO YA V : IBYEREKEYE IMARI

Ingingo ya 37 : Umwaka w'ibonezamutungo

Igihe-fatizo cy'ibonezamutungo gitangira kuwa mbere Mutarama kitarangira kuwa 31 Ukuboza kwa buri mwaka, uretse ko mu mwaka wa mbere, icyo gihe gitangirana n'umunsi koperative yatagiriyeho imirimo yayo.

Ingingo ya 38 : Inyandiko zisoza umwaka

Inama y'Ubutegetsi ikora izi nyandiko zikurikira kugira ngo zizasuzumwe n'Inama Rusange isanzwe:

- Ibarura ry'ibyinjiye n'ibyasohotse;
- Imikoreshereze y'imari;
- Imbonerahamwe y'umutungo;
- Raporo y'ibyakozwe muri uwo mwaka;
- Gahunda y'ibigomba gukorwa mu mwaka ukurikira.

Ingingo ya 39 : Igabanywa ry'inyungu

Amafaranga y'inyungu abonetse buri mwaka, havanywemo ayatanzwe ku bikorwa rusange n'andi yose koperative yakoresheje, agabanywa ku buryo bukurikira :

- 20 ku ijana azigamirwa koperative nk'uko amategeko abivuga ;
- 10 ku ijana ashirwa mu isanduku igoboka amakoperative ;
- 70 ku ijana asigaye, Inama Rusange igena uko azakoreshwa.

Amafaranga azigamwa ni umutungo rusange udashobora kugabanywa abanyamuryango.

Ntashobora gushyirwa mu mutungo w'ishingiro cyangwa kongera imigabane, kuzigamira koperative bireka kuba itegeko, igihe umubare w'amafaranga yabitswe ungana n'imari y'ishingiro ya koperative. Koperative iramutse isheshwe, Inama Rusange izemeza icyo yakoreshwa.

Ingingo ya 40 : Inyungu y'imigabane

Imigabane ya buri muntu ishobora kubona urwunguko rutarenza atandatu ku ijana (6%). Iyo nyungu ishyirwaho n'Inama Rusange, itangwa gusa iyo hagize amafaranga asaguka muri uwo mwaka.

Ingingo ya 41 : Ubwasisi

Ubwasisi butangwa bakurikije ibyo buri munyamuryango yakoranye na koperative. Iyo koperative yahombye, nta bwasisi bushobora gutangwa igihe cyose inyungu y'imyaka ikurikira itaraziba icyuho cy'ibyo bihombo.

INTERURO YA VI : ISESWA RYA KOPERATIVE, IYEGERANYA RY'UMUTUNGO

Ingingo ya 42 : Iseswa n'ivanwaho rya koperative

Iseswa n'ivanwaho ry'umuryango bikorwa hakurikijwe itegeko n°31/1988 ryo kuwa 12/10/1988 ritunganya amakoperative.

Ingingo ya 43 : Iyegeranywa ry'umutungo

Iyo koperative isheshwe, umutungo wose uregeranywa ukagabanywa abanyamuryango cyangwa ugahabwa indi koperative bihwanyije imirimo.

INTERURO YA VII : AMATEGEKO ASOZA

Ingingo ya 44 : Ikemurwa ry'impaka

Impaka zoze zishobora kuvuka mu banyamuryango, zishyikirizwa Inama y'Ubutegetsi n'Inama Rusange kugira ngo zibanze zizige kandi zishake uko zazirangiza bya kivandimwe mbere yo gushyikirizwa inkiko.

Ingingo ya 45 : Itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative

Ibidateganyijwe muri aya mategeko bigomba gushyirwa mu itegeko ry'umwihariko rigenga imikorere ya koperative, ritegurwa n'Inama y'Ubutegetsi, mbere yo kwemezwa n'Inama Rusange.

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA RUSANGE YO GUSHINGA KOPERATIVE "KOPABU" YATERANYE KUWA 28/12/2001. YATANGIYE SAA TANU N'IGICE, HARI ABANYAMURYANGO ICUMI KURI CUMI NA BABIRI.

Gahunda y'Inama:

1. Guhindura ishyirahamwe rikaba Koperative;
2. Gushyiraho no kwemeza amategeko rusange n'ay'umwihariko;
3. Gushyiraho inzego za Koperative;
4. Ibindi

Ku ngingo ya mbere yo guhindura ishyirahamwe Koperative: Tumaze gusanga ishyirahamwe rimaze imyaka ine rigengwa n'amabwiriza ya Komini, dusanze tugomba kuba Koperative igengwa n'itegeko ryo kuwa 12/10/1988 ritunganya amakoperative.

Izina rya Koperative ribaye KOPABU (Koperative y'Abahinzi-Borozi ba Buhunga). Icyicaro cya Koperative gishinzwe i Buhunga, Umurenge wa Birambo, Akarere ka Ruyumba, Intara ya Gitarama.

Imbibi z'umuryango zibaye umurenge wa Birambo wose.

Intego ya Koperative: Kongera umusaruro w'ibihingwa ngandura rugo no gufashanya kwikemurira ibibazo. Imari shingiro ni 100.000 Frw.

Umubare w'imigabane ni 12, ihwanye na 700 Frw buri munyamuryango. Imigabane ya buri wese ni 8.400 Frw.

Inzego za Koperative:

- Inama Rusange;
- Inama y'Ubutegetsu;
- Inama y'Ubugenzuzi.

Amategeko rusange n'ay'umwihariko twarayemeje tunayashyiraho umukono. Inzego za Koperative zaratowe:

- Perezida w'Inama y'Ubutegetsu ni BIZIMANA Edouard, ku majwi 9/10
- Visi-Perezida ni MANIRAHU Redempta ku majwi 6/10;
- Umwanditsi ni UWIMBABAZI Bernadette ku majwi 9/10 ;
- Umubitsi ni MUTABAZI Jean ku majwi 6/10 ;
- Abajyanama ni :
 - NYIRAHABIMANA Immaculée ku majwi 6/10 ;
 - KANYANGE Espérance ku majwi 6/10.

Inama y'Ubugenzuzi igizwe na MUREKATETE Cécile n'amajwi 7/10 na MINANI Emmanuel ku majwi 5/10.

Ibindi : ni uko twahise twandikira Minisitiri w'Ubutegetsu bw'Igihugu kugira ngo aduhe ubuzima gatozi.

Inama yarangiye saa munani n'igice (14H30).

Umuyobozi w'Inama :

BIZIMUNGU Edouard
(sé)

Umwanditsi w'Inama :

UWIMBABAZI Bernadette
(sé)

AMAZINA Y'ABANYAMURYANGO BA KOPERATIVE "KOPABU"

1. BIZIMUNGU Edouard (sé)
2. MANIRAHU Rédempta (sé)
3. UWIMANA Frodouard (sé)
4. UWIMBABAZI Bernadette (sé)
5. MUTABAZI Jean (sé)
6. KANYANGE Espérance (sé)
7. MINANI Emmanuel (sé)
8. MUSABYIMANA Léonard (sé)
9. MUREKATETE Cécile (sé)
10. MUKANDUTIYE Libérathe (sé)
11. KANKINDI Félicienne (sé)
12. NYIRAHABIMANA Immaculée (sé)

ARRETE MINISTERIEL N° 81/11 DU 06 SEPTEMBRE 2005 PORTANT APPROBATION DES MODIFICATIONS APORTEES AUX STATUTS DE L'ASSOCIATION « RELIGIEUSES DE SAINT JOSEPH AU RWANDA».

Le Ministre de la Justice,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Vu la loi n°20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 12, 14 et 42 ;

Vu l'Arrêté Présidentiel n°27/01 du 18 juillet 2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Revu l'Arrêté Ministériel n°71/07 du 17/04/1981 accordant la personnalité civile à l'association «Religieuses de Saint Joseph au Rwanda », spécialement en son article premier;

Sur requête de la Représentante Légale de l'Association « Religieuses de Saint Joseph au Rwanda », reçue le 08 juin 2005 ;

ARRETE:

Article premier:

Est approuvée la décision de la majorité des membres effectifs de l'Association « Religieuses de Saint Joseph au Rwanda » prise au cours de l'Assemblée Générale du 27 avril 2002 de modifier les statuts de ladite association tels qu'ils figurent en annexe du présent arrêté.

Article 2:

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 3:

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 27 avril 2002.

Kigali, le 06 septembre 2005

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

STATUTS DE L'ASBL CONFESIONNELLE : « INSTITUT DES RELIGIEUSES DE SAINT JOSEPH AU RWANDA »

PREAMBULE

